

IBIRIMO

I. ISOBANURAMPAMVU Y’IKI GITABO.....	3
II. GUSOBANUKIRWA ICYUNAMO.....	6
1. Ingero zimwe zo muri Bibiliya ziranga abari mu cyunamo.....	6
2. Akamaro k’icyunamo.....	7
3. Kugereranya igikomere cyo ku mubiri n’igikomere cyo ku mutima.....	7
4. Zimwe mu ntambwe z’icyunamo gisanzwe.....	12
5. Icyunamo kigoranye.....	13
6. Ibiranga umuntu ufite ibikomere ku mutima.....	13
7. Icyunamo mu Rwanda.....	13
8. Umwihariko w’icyunamo rusange mu Rwanda.....	14
9. Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n’ingaruka zayo.....	16
10. Kwibuka n’impamvu zo kwibuka.....	17
11. Kwibuka bizana ugukira ibikomere.....	19
12. Kwibuka bikumira ihohotera ryo mu bihe bizaza.....	19
13. Kuki kwibuka ari ngaruka mwaka?.....	20
14. Uruhare rw’Urwibutso mu nzira yo gukira.....	20
15. Uruhare rw’icyunamo mu nzira y’ubwiyunge.....	20
16. Uruhare rwa buri wese mu gihe cy’icyunamo.....	23
17. Kwirinda kuba nk’inshuti za Yobu.....	23
18. Bimwe mubyo uri mu gahinda akeneye.....	25
19. Uruhare rw’Itorero rya Kristo mbere y’icyunamo rusange.....	28
20. Uruhare rw’Itorero rya Kristo mu gihe cy’icyunamo rusange.....	29
21. Uruhare rw’Itorero rya Kristo nyuma y’icyunamo rusange.....	33
III. IHUNGABANA.....	35
1. Ibyiciro by’ibyago bihungabanya.....	36
2. Ibyiciro by’abahungabana.....	36

3. Ibigena ubukana bw'ihungabana.....	36
4. Ibiranga ihungabana.....	37
5. Zimwe mu ngaruka z'ihungabana.....	38
6. Gufasha abahungabanye.....	39
7. Ihungabana mu bana no mu rubyiruko.....	40

IV. IHAHAMUKA43

1. Uruhare rw'itorero mu gukumira ihahamuka.....	46
2. Umurimo w'ubujyanama mw'itorero.....	48

V. UMWANZURO.....49

**VI. IBIGANIRO BYO KWIBUKA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI
MU 1994 MU RWANDA51**

1. Iriburiro.....	51
2. Ihohoterwa/Ihohotera icyo aricyo.....	52
3. Itandukaniro ry'amakimbirane n'ihohoterwa	52
4. Umuco w'ihohotera	53
5. Amoko y'ihohotera n'ihohoterwa.....	54
6. Ingaruka z'ihohoterwa	54
7. Jenoside n'ingaruka zayo	55
8. Impamvu zitera ihohoterwa na jenoside (inkomoko)	57
9. Gukemura amakimbirane	58
10. Gukumira no kurwanya ihohoterwa na jenoside	59
11. Ubwiyunge n'akamaro kabwo	59
12. Umusozo	63

**VII. GAHUNDA YO KWIBUKA JENOSIDE YAKOREWE
ABATUTSI MU MWAKA W' 1994 MU RWANDA.....65**

1. Gahunda (Liturujya) y'Icyumweru cy'icyunamo.....	65
2. Gahunda y'umunsi wo kurangiza icyunamo.....	67
3. Gahunda y'ibiganiro.....	71

VIII. IBITABO BYIFASHISHIJE73

I. ISOBANURAMPAMVU Y'IKI GITABO

Iki gitabo cyanditse n'Inama y'Abaprotestanti mu Rwanda (CPR). icyerekezo cya CPR ni ugufasha abantu bose mu Rwanda ngo babane mu bumwe, ubutabera, amahoro n'iterambere kandi bubaha Imana. Intego ya CPR nkuru ni ukugira ubumwe bwuzuye bw'Amatorero n'imiryango ya Gikristo (Yohana 17:21), haharanirwa iterambere mu buryo bw'Umwuka n'umubirii mu Abatura Rwanda.

Iki gitabo gikoreshwa mu gihe cyo kwibuka jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 mu Rwanda.

Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda yagize ingaruka nyinshi cyane ku muryango nyarwanda zirimo abantu benshi bagendana ibikomere byinshi byo mu mitima, abapfakazi, impfubyi, abantu basigaye iheruheru, imfungwa n'impunzi. Yagize ingaruka ku bukungu bw'igihugu ndetse n'ibidukikije. Izindi ngaruka zikomeye ni inzangano mu bantu n'umuco w'amahoro wasenyutse. Jenoside ni ubwicanyi burenze kamere, aho usanga mu miryango myinshi abantu byarabakukiyemo bagahemuka, ababyeyi basigaye bica abana babo, abana bakica ababyeyi, abagabo bakica abagore, abagore bakica abagabo babo bibwira ngo bakemuye ikibazo burundu, nyamara bakicuza bageze muri gereza cyangwa bakiyahura.

Niyo mpamvu hagomba gufatwa ingamba zikomeye zo kwimakaza umuco w'amahoro hakemurwa ibibazo mu bworoherane, kandi umuntu akagarurirwa agaciro. Itorero ry'Imana rigafasha abahungabanye bafite ibikomere ku mutima, kwiyomora, gukira no kwiyubaka. Abatishoboye n'abakene bagafashwa kwigobotora ingoyi z'ubukene bakigira. Ibi bizafasha gukumira ihohoterwa na jenoside. Tukubaka amahoro n'ubwiyunge hagati y'abantu ubwabo no hagati y'abantu n'Imana.

Ni urugendo rurerure tugomba kwemera kugenda twese kugeza aho tuzaba dushobora kubigeraho. Hari ibyiringiro kuko biri mu bushake no mu mugambi w'Imana yacu ikunda u Rwanda n'Abanyarwanda.

Itorero rifite inshingano ikomeye yo gufasha abantu gusobanukirwa ibikorwa bigamije kuvura abantu ibikomere, kunga abanyarwanda no gukumira ihungabana ry’uburyo bwose. Abayobozi b’amatorero bakamenya uruhare rwabo mu gikorwa ngarukamwaka cyo kwibuka abazize jenocide yakorerwe abatutsi mu 1994, gusobanukirwa akamaro k’inzibutso hose mu gihugu, no gufasha abanyarwanda mu rugendo rw’ubumwe n’ubwiyunge.

Iki gitabo kirafasha abagisoma kumenya zimwe mu mpamvu zikomeye zitera ihungabana, ibimenyetso byaryo, ingamba cyangwa inzira zikoreshwa kugira ngo abafite ingaruka za jenocide bafashwe gukira ibikomere byo ku mutima. Iki gitabo kandi kizifashishwa mu gikorwa ngarukamwaka cyo kunamira Abanyarwanda basaga miliyoni bishwe muri jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994, bagatsembwa mu minsi ijana gusa.

Iyi liturujiya izabafasha mu materaniro yo mu gihe cy’icyunamo cya buri mwaka, haba mu nsengeru n’ahandi. Izafasha kandi kugarurira abakomeretse ibyiringiro by’ubuzima no kwiyubaka. Abagize uruhare muri jenocide bafashwe kwihana bityo habeho ubumwe n’ubwiyunge bifite ireme mu Banyarwanda. Twubake ubunyarwanda n’igihugu cyacu nta wundi tubisiganya kandi birashoboka.

Ndasaba Imana ngo idukoreshe neza twese mu kubaka Ubwami bwayo mu Banyarwanda n’umurage mwiza mu gihe cyacu. Intumwa Paulo aratwongerera icyizere avuga ati: *“Ibahamagara ni iyo kwizerwa no kubikora izabikora” 1 Tesalonike 5:24*”. Imana ibidufashemo dufite imbaraga z’Umwuka Wera w’Imana.

Ndashimira imiryango ya NCA na FECCLAHA yaduteye inkunga yo kwandikisha iki gitabo nkuko muyibona ku rupapuro rukurikira. Ndashimira kandi by’umwihariko Mme Violette NYIRARUKUNDO, Rev. Joseph NDAGIRO bafatanyije n’abakozi ba CPR kugira uruhare rukomeye mu gutegura iki gitabo.

Rev. Dr Samuel RUGAMBAGE
Umunyamabanga Mukuru wa CPR

PARTNERSHIP

This project was undertaken by the Protestant Council of Rwanda (CPR) in collaboration with the Fellowship of Christian Councils and Churches in the Great Lakes and Horn of Africa (FECCLAHA) and in partnership with the Norwegian Church Aid (NCA).

Norwegian Church Aid (NCA) is an ecumenical and diakonal organisation working for global justice. Guided by its vision *“Together for a just world”*, NCA works across the world, in over 30 countries in Africa, Asia, and Central and Latin America, to eradicate poverty and injustice. NCA has partnered with FECCLAHA in seeking to address Peace Building and Conflict Transformation.

FECCLAHA is a regional ecumenical organisation that was formed to provide a platform for members to share perspectives on issues of common concern, and foster strong ecumenical cooperation in taking ownership and responsibility to seek solutions to regional problems in areas of peace building and conflict transformation.

FECCLAHA was launched in March 1999 and registered in Kenya in February 2001. It consists of member councils and churches in the following countries: Burundi, Democratic Republic of Congo (DRC), Eritrea, Ethiopia, , Kenya, Rwanda, South Sudan, Sudan, Tanzania, and Uganda.

FECCLAHA Vision: *“Together for a just and peaceful society”*

FECCLAHA Mission:

FECCLAHA exists to promote ecumenical solidarity for justice, peace, healing and conflict transformation and reconciliation in the Great Lakes Region and Horn of Africa through advocacy, networking and partnership, capacity building, research and documentation within the framework of holistic Christian Ministry.

FECCLAHA Thematic Areas of focus 2014-2018:

Peace Building and Conflict Transformation:

Strategic Objective: To promote sustainable peace in the Great Lakes region and Horn of Africa.

2. Governance:

Strategic Objective: To empower citizens to hold governments accountable and promote a Constitutional Culture and respect of Rule of Law in the Great Lakes region and Horn of Africa.

3. Gender and Youth:

Strategic Objective: To empower men, women, and youth to be effective instruments of peace and gender justice in the society.

4. Human Security:

Strategic Objective: To address the threats to Human Security and the underlying causes in the region.

5. Institutional Strengthening and Capacity Building:

Strategic Objectives: To strengthen the capacity of the organisation to effectively and efficiently meet its mandate.

II. GUSOBANUKIRWA ICYUNAMO

Igihe cy'icyunamo mu Rwanda ni igihe gikomeye cy'umubabaro. Nyamara kandi ni igihe cyo gutera intambwe yo kubaka icyizere mu bantu ntihabeho guheranwa n'agahinda.

Umwami Salomo abivuga agira ati: ***“Hari igihe cyo kurira n’igihe cyo guseka, hari igihe cyo gucura umuborogo n’igihe cyo kubyina”, Umubwiriza 3:4.*** Salomo avuga ko mu mibereho y’abantu, haba ibihe binezeza bigenda bisimburana n’ibibabaza. Mu bibabaza bigera ku bantu habamo ukugirirwa nabi, ukugira ibihombo, ugutakaza ibifite akamaro, ukunyagwa, ukwamburwa, ugupfusha, n’ibindi bibabaza cyane umutima w’umuntu, akiheba kandi akagira umubabaro n’agahinda.

Byaragaragaye ko ikintu cyose umuntu ahombye, atakaje, anyazwe cyangwa abuze mu buryo ubwo aribwo bwose kimutera umubabaro n’agahinda. Gupfusha amanzaganya byo bikomeretsa umutima, umuntu akavira imbere. Igihe cy’umubabaro n’agahinda gatewe no gupfusha cyitwa igihe cy’icyunamo. Uwo byabayeho agakenere abamwegera bakamufata mu mugongo bakamuhumuriza.

1. Ingero zimwe zo muri Bibiliya ziranga abari mu cyunamo

Itangiriro 37:32-35. Ubwo bene se wa Yosefu babeshyaga Yakobo ko Yosefu yapfuye, yararize yanga guhozwa ndetse avuga ko azarinda apfa akiririra umwana we Yosefu.

Itangiriro 50:1-13. Yakobo amaze gupfa, Yosefu n’umuryango we wose ndetse n’abanyegiputa bamaze iminsi myinshi bamuririra.

Gutegeka kwa Kabiri 34:7-8. Mose amaze gupfa, Abisirayeri bamuri-riye iminsi mirongo itatu.

2 Samweli 13:18-19. Tamari amaze gukorerwa ibya mfura mbi na Amunoni, yagize agahinda ajya mu cyunamo kubera gutakaza ubu-sugi bwe n'icyubahiro cye.

2 Samweli 21:10. Risipa wari inshoreke ya Sawuli yagiye kuba ku gasozi arinze imirambo y'abe bishwe mu gihe Abanyagibeoni bihore-raga.

Yobu 1:20. Bamaze kubikira Yobu abana be n'ibura ry'ibye byose, yashishimuye umwambaro we, yimoza umusatsi, yikubita hasi yubamye, aramya Imana. Umubabaro n'agahinda bye byatumye asuka amaganya yerekana gukomereka kwe gukomeye .Yobu 3-26.

Yohana 11:35 Yesu ageze kwa Mariya na Marita asanga inshuti ye Lazaro yarashyinguwe maze ararira.

Gushishimura imyambaro, kwimoza umusatsi, kwambara ibigunira, kurira, gucura umuborogo, kwigomwa amafunguro, kwitera ivu mu mutwe cyangwa kuryicaramo, kwikorera amaboko, kuryama hasi, n'ibindi byerekanaga umubabaro, agahinda, n'ishavu by' abantu bari mu cyunamo. (2 Samweli 3:31-35; 2 Samweli 13:31, 36-37; Yobu 2; Zabuli 30:11; Zabuli 35:13; Zabuli 69:11,...).

Ijambo ry'Imana riduhugurira kwishimana n'abishimye no kurirana n'abarira (Abaroma 12:15). Ibyo biranga urukundo ruri hagati y'abana b'Imana.

2. Akamaro k'icyunamo

Igikomere cyo ku mutima gitewe no gupfusha, gikenera igihe ngo gikire kugira ngo umuntu yongere ashobore gukomeza inshingano ze zo mu buzima. Mu gihe cy'icyunamo, abantu bafatana mu mugongo, kugira ngo habeho komorwa mu mutima. Abantu baratabarana, bakegerana, bagahumurizanya. Imihango yo guherekeza ubaku-

wemo yose, iba igamije gufasha abantu gukira ibikomere batewe no kubura umwe muri bo. Igihe cy’icyunamo iyo kitabayeho, bigira ingaruka mbi ku muntu ku giti cye, ku muryango we ndetse no ku bandi muri rusange. Nk’uko umuntu ukomeretse avurwa neza agakira, niko n’icyunamo gikozwe neza gifasha abantu gukira ibikomere byo mu mutima.

3. Kugereranya igikomere cyo ku mubiri n’igikomere cyo ku mutima

Mu gitabo cyabo cyitwa *“Healing the Wounds of Trauma, How the Church Can Help”*, Margaret Hill, Harriet Hill, Richard Bagge na Pat Miersma berekanye imbonerahamwe igereranya igikomere cyo ku mubiri n’igikomere cyo mu mutima mu buryo bukurikira:

<i>Igikomere cyo ku mubiri</i>	<i>Igikomere cyo ku mutima</i>
Kiragaragara	Ntikigaragara ariko umuntu agira imyifatire iranga ugukomereka.
Kirababaza kandi gikeneye kuvurwa neza	Kirababaza kandi gikeneye kuvuzanywa impuhwe.
Iyo umuntu akirengagije kirushaho kuba nabi gitutikamo amashyira	Iyo umuntu akirengagije kirushaho kuba nabi
Kugira ngo gikire, ni ngombwa ko cyozwa neza kigashiramo umwanda wose.	Umubabaro ugomba kuvugwa ukajya ahagaragara. Mu gihe har’icyaha cyakozwe ni ngombwa kucyihana.
Iyo igikomere gisa n’igikize hejuru ariko imbere kidakize, umuntu araremba kikamutera umuriro.	Iyo umuntu avuga ko yakize akagerageza kwitwara nk’uwakize kandi imbere agikomere, bimugiraho ingaruka zikomeye zonona ubuzima.

Igikomere kitavuwe gikurura isazi	Igikomere kitavuwe neza gishobora gushora umuntu mu byaha.
Imana niyo itanga ugukira ariko kenshi ikoresha abantu n’ubuvuzi.	Imana yonyine niyo itanga gukira, ariko kenshi ikoresha abantu bafasha umuntu gusobanukirwa ibiri mu mutima we.
Gukira bishobora gufata igihe Gukira bifata igihe	Igikomere gikize gisiga inkovu.
Igikomere cyo ku mutima gikize nacyo gisiga inkovu	Umuntu arakira ariko ibyo yanyuze- mo biramuhindura.

4. Zimwe mu ntambwe z’icyunamo gisanzwe

Abakoze ubushakashatsi ku byerekeranye n’imyitwarire y’abantu mu gihe cy’icyunamo, basanze hari intambwe zisa abantu benshi bagenda baturiraho mu rugendo rwo gukira ibikomere byo ku mutima. Izo ntambwe n’izi zikurikira:

Guhakana : Umuntu umaze kubura uwe cyangwa ibye, ntahita abyemera. Ijambo ryambere rimuzamo ni: *“ntibishoboka!”* Inkuru mbi y’ibyabaye isa n’aho igiye kumumena ubwonko kubera uburemere bwayo maze agasa n’uwikingira ngo atababara cyane. *“Ntishoboka”* imufasha kugenda yakira ibyabaye buhoro buhoro kugeza igihe ashoboye kubyakira muri we.

Umujinya n’uburakari: Kubera ko urupfu rusa n’ururusha umuntu imbaraga, yumva ntacyo yarukoraho ibyo bikamutera umujinya n’uburakari. Ubwo burakari abwerekeza ku bintu bisobanutse kugira ngo ase n’ugira impamvu y’ukuri yo kurakara. Umuntu ashobora

kwirakarira agira ati *“Iyo mba nagize ntya ntibiba byagenze gutya”*. Umuntu ashobora no kumva arakariye Imana agira ati: *“Ko ishobora byose kuki yemeye ko ibi bimbaho”*.

Umuntu ashobora no kurakarira abandi bantu. Niba umuntu we yaguye kwa muganga azagira ati: *“Ziriya ndangare zo kwa muganga nizo zitamwitayeho uko bikwiriye”* Niba se uwe aguye mu mpanuka y’imodoka azagira ati: *“Kiriya gishoferi buriya cyari cyasinze none kitumariye abantu”*. Ashobora kandi no kurakarira ibintu. Urugero niba uwe yaguye mu ruzi azumva afite ubushobozi urwo ruzi yarutwika rugakama.

Byumvikane neza ko uku kurakara ntaho guhuriye no kuba umuntu ari mu bizera Imana cyangwa abatizera. Bibliya yuzuye ingero nyinshi z’abantu barakariye Imana kubera ibyababayeho, nyamara nibo dufataho urugero rwiza rw’abantu b’Imana. Ingero: Yobu arembejwe n’umubabaro yagize ati: *“(Imana) imvunagurisha ishuhuri, ikangwizaho ibikomere inziza ubusa. Ntireka mpumeka. Ahubwo inyuzuzamo umubabaro”* Yobu 9:17-18.

Yeremiya abonye kurimbuka gukomeye k’ubwoko bwe yasutse amaganya agira ati: *“(Uwiteka) yanyujujemo ibisharira, yampaye apusinto. Amenyo yanjye yayahongoje amabuye, yandengeje ivu. Kandi yatandukanije ubugingo bwanjye, n’amahoro akamba kure, guhirwa narakwibagiwe. Maze ndavuga nti: “Imbaraga zanjye no kwiringira kwanjye nari mfite k’Uwiteka, birashize”* Amaganya 3:15-18.

Gushakisha ibisobanuro: Umuntu asa n’ufite intambara muri we, ashaka gusobanukirwa impamvu z’ibyabaye. Umuntu ashobora gukangarana, akagira ubwoba atekereza ko nta bushobozi afite bwo guhangana n’umwanzi witwa urupfu. Ikindi kiranga ugeze kuri iyi ntambwe ni ugusa n’uciririkanya no guhigira Imana imihigo. Muri we asa n’uvuga ati: *“Mana, unkoreye igitangaza iyi nkuru akaba atariyo, nazakwitura ibi n’ibi...”*

Kugira agahinda gasaze: Umuntu ariheba, agasa nubuze ibyiringiro, akumva ubuzima nta reme bufite. Usanga umuntu atiyitaho n’uko bisanzwe, akambara ibyo abonye, agafungura ibyo abonye, asa n’utagira icyo aha agaciro. Icyiza cy’ iyi ntambwe, n’uko umuntu aba yemeye ko koko uwe yapfuye kandi ko atazongera kumubona. Ibyo bituma koko amwunamira uko bikwiriye adahagamyeye mu burakari no mu guhakana. Hari abifuza gupfa, ndetse bakagerageza kwiyahura. Abiyahura bose baba bageze kur’iyi ntambwe bakabona nta yindi nzira yabavana mu bibazo barimo uretse urupfu.

Kwakira no kwemera ibyabaye. Ibigaragaza ko umuntu ageze ku ntambwe yo kwakira ibyabaye ni uko ashobora kuvuga kuby’agahinda ke n’iby’inkomoko yako atazibiranijwe n’imbamutima z’agahinda. Ashobora gukora gahunda y’ubuzima, akiyubakamo ubushobozi bwo guhangana n’ibihe biri imbere. Yubaka umubano mushya n’abamukikije akabaho afite ibyiringiro bihamye. Ugeze kuri iyi ntambwe, nawe ariko akeneye gukomeza guterwa inkunga kuko abuze abamuha hafi bamwumva, ashobora gusubira inyuma akagaruka mu mubabaro n’agahinda.

Nkuko igikomere cyo ku mubiri gikize gisiga inkovu, niko n’igikomere cyo ku mutima gisiga inkovu kuko umuntu adashobora kwibagirwa burundu ibyo yanyuzemo; gusa inkovu y’igikomere cyakize neza ntabwo iryana keretse umuntu yongeye gukomeretswa mu nkovu yambere. Yesu yabwiye Petero ati: *“Ariko wowe nakwingingiyeye ngo kwizera kwawe kudacogora. Nawe numara guhinduka, ukomeze bagenzi bawe”*, Luka 22.33. Uwakize agira gukomera muri we k’uburyo usanga ariwe uhindukira akajya akomeza abandi bahuye n’ibibazo byo gupfusha.

Mu buzima bw’abantu, icyunamo gisanzwe gishobora kumara hagati y’amezi atandatu n’imyaka ibiri. Ni ukuvuga igihe umuntu amara yumva acyuzuwe n’agahinda kubera uwe yabuze. Ibi biba iyo uwapfuye yazize urupfu rusanzwe kandi rusobanutse. Iyo umuntu

yarwaye igihe kirekire agenda abantu basa n’ababyiteguye. Nyamara iyo ari urupfu rutunguranye, icyunamo gishobora kugorana ndetse kikamara igihe kirekire.

Ikindi gifasha abantu kuva mu cyunamo vuba, ni iyo umuntu yapfuye mu gihe gisanzwe k’uburyo abe bose bashobora kumuherekeza bakamuririra, bakamwunamira bafashwe mu mugongo n’inshuti n’abavandimwe. Ariko, hari ibyunamo byinshi bigora abantu kubivamo kuko biba bidasanzwe.

5. Icyunamo kigoranye

Hari ubwo abantu bagira icyunamo kigoranye bakaba bakibamo ubuzima bwabo bwose. Icyunamo kigoranye gishobora gutera ihungabana. Zimwe mu mpamvu zitera icyunamo kigoranye n’izi zikurikira:

- Icyago gitunguranye kandi gifite uburemere burenze ibyo umuntu yakwihanganira. Nko mu gihe umuntu apfushije abantu benshi icyarimwe.
- Kwicirwa abe, bagapfa urw’agashinyaguro.
- Kwicirwa uwe, akicwa n’uwakagombye kumurengera.
- Kudashobora gushyingura abe mu cyubahiro ntanamenye irengero ryabo
- Kutemera ko ibyabaye koko byabaye umuntu agasa n’uhora abihakana.
- Urugero: umuntu akibwira ati: “sinshaka kugira icyo menya cy’ukuntu yapfuye, ntihazagire n’ubimbwira”.
- Kuzibiranywa n’umubabaro, umujinya n’uburakari bituma umuntu atava mu cyunamo vuba.
Kugira imbamutima zinyuranye k’uwapfuye. Urugero: Umugore upfushije umugabo wahoraga amukubita. Agahinda ke yumva nta gaciro gahabwa kuko hari abavuga ngo *“Agize Imana aramukira kuko yari kuzamwicisha inkoni”*. Umubyeyi upfusha umusore azira inkoni yakubiswe yibye, n’ibindi bisa bityo

- Gupfusha umuntu mufitanye ubushyamirane mutariyunga.
- Gupfusha umuntu akabura abamufata mu mugongo.
- Imyizerere ipfuye ibuza umuntu gukora icyunamo uko bikwiriye.
- Ingero: Umuntu w’Imana ntagomba kurira. Kwerekana agahinda ni ukuba ikigwari, n’ibindi.

6. Ibiranga umuntu ufite ibikomere ku mutima

Umuntu wanyuze mu bikomeye bikamukomeretsa ashobora kwifata uburyo butandukanye n’uko yifataga mbere yo kunyura muri ayo makuba. Ingero ni uko ashobora:

- Kugira uburwayi butandukanye kenshi budasobanutse neza.
- Gusa n’uhorana ubwoba asa n’utegereje ko hari ikintu kibi kigiye kuba.
- Gusa n’uwatakaje ikizere mu bantu hafi ya bose.
- Guhora asa n’ufitanye amakimbirane n’abo babana.
- Kugira uburakari bwinshi kubera akantu gato kamubayeho.
- Gusa n’utakigira ikimunezeza agahorana agahinda kenshi.
- Gusa n’uhunga ikintu cyose kimwibutsa ibyo yanyuzemo.
- Guhora atekereza ibyo yanyuzemo ndetse akenshi akabirota nijoro
- Guhora avuga ibyo yanyuzemo cyangwa ntajye abivuga na rimwe.
- Gusa n’uwiyahuza akazi kenshi, inzoga nyinshi, itabi ryinshi, ibiyobyabwenge ngo arebe ko yakwibagirwa ibyamubayeho.

7. Icyunamo mu Rwanda

Buri moko yose yo ku isi agira uburyo bwayo bwihariye bwo kunamira abantu babo bapfuye. Mu muco w’abanyarwanda naho, kuva kera abantu bari bafite uko bunamira ababo mu gihe habayeho gupfusha. Ibyakorwaga byose byari bigamije kubungabunga ubusugire bw’umuryango no gukumira ingaruka mbi zose zaterwa no

kudakurikiza uko bikwiriye, imiziririzo n’imigenzo yo mu bihe by’icyunamo. Habaho gufatana mu mugongo, gutabarana, gufashanya n’ibindi.

8. Umwihariko w’icyunamo rusange mu Rwanda

“Si umwanzi wantutse; mba narabashije kwihangana: cyangwa uwanyangaga si we wanyirase hejuru, mba naramwihishe: ahubwo ni wowe, uwo duhwanye uwo twagendanaga, incuti yanjye y’amagara. Twaganiraga tunezerewe, tukagendagenda n’iteraniro mu nzu y’Imana”, Zaburi 55:13-15.

Icyunamo cy’abanyarwanda nyuma ya jenocide yakorewe abatutsi mu mwaka wa 1994, ni icyunamo kigoranye kubera impamvu nyinshi. Zimwe muri zo ni izikurikira:

- Abantu batunguwe no gupfusha abantu benshi mu gihe kimwe kandi bicwa urw’agashinyaguro bazira uko Imana yabaremye.
- Abenshi bishwe n’abaturanyi bari basanzwe basangira akabisi n’agahiye.
- Hari abamaze igihe kirekire bihishe ahantu hadashobotse, babayeho nabi kandi bafite ubwoba bw’uko igihe icyo aricyo cyose bashobora kuvumburwa bakicwa.
- Guhemukirwa n’abo mwari muhuriye kuri byinshi byongeraga ahinda n’umubabaro kuko birenze ibyo umuntu yasobanukirwa.
- Ikindi gituma icyunamo cy’abanyarwanda kiruhije n’uko abantu babaye muri ako kaga igihe kirekire nta kirengera.
- Imihango isanzwe igendana no guherekeza upfuye ntiyashoboye kubaho.

- Icyunamo ntabwo cyashoboye kuba ngo abantu bafashanye gukira ibikomere.
- Muri rusange ibyo byose n’ibindi byihariye, nibyo byateye abantu benshi guhungabana. guhahamuka no kugumana agahinda n’umubabaro bidashira.

9.Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n’ingaruka zayo

Ingaruka za jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda mu 1994 ni nyinshi kandi ni ingaruka zizamara igihe kirekire. Habaye guhungabana gukomeye gutewe n’ibi bikurikira:

- Gupfusha abantu benshi icyarimwe bazize ubusa, bagapfa urwagashinyaguro kandi mu buryo butunguranye.
- Kumugazwa mu buryo butandukanye. Indwara zidakira, gutakaza ibice by’umubiri, n’ubundi bumuga budakira.
- Gutakaza ukwizera mu Mana, abantu bakagira imbamutima z’ubugome, ubwanzi, ubwihebe no gushaka kwihorera.
- Umubare mwinshi w’abantu b’ingeri zose bahungabanye baba mu bwigunge.
- Kugira umubare mwinshi w’abapfakazi n’impfubyi.
- Kugira ingo nyinshi zicunzwe n’abana birera.
- Gusenyurwa no gusahurwa ibintu abantu baruhiye, bagasigara amara masa.
- Gusenyuka k’umuryango nyarwanda n’ubusabane mu bantu.
- Gutakaza icyizere mu Bantu no mu nzego z’ubuyobozi.
- Guhora abantu bahanganye mu manza z’igihe kirekire.
- Kugira abagororwa benshi bagomba kwitabwaho.
- Kugira abakuwe mu byabo bakananirwa gusubira iwabo kubera ubwoba.
- Kugira impunzi nyinshi hanze y’igihugu.
- Gutakaza ibyiringiro by’ejo hazaza cyane cyane mu rubyiruko.
- Ikwiragira ry’ibisindisha, ibiyobyabwenge ndetse n’ubwamanzi.

- Ukwiyongera kw'ubushyamirane mu ngo bitera ugutandukana kw'abashakanye.
- Ukwiyongera kw'abana baba mu mihanda kubera kubura imiryango bumva batekaniyemo.
- Ukudohoka kw'indangagaciro z'umuco nyarwanda. Isenyuka ry'ibidukikije.

10. Kwibuka n' impamvu zo kwibuka

Ibuka umubabaro wanjye n'amakuba yanjye, apusinto n'indurwe. Ubugingo bwanjye buracyabyibuka, kandi burihebye. Iki ni cyo nibuka, nibyo bindema umutima: Imbabazi z'Uwiteka ni zo zituma tudashiraho, kuko ibambe rye ritabura". Amaganya ya Yereimia 3. 19-22.

Icyunamo rusange gifite umumaro wo gutuma abantu bibuka ibyo banyuzemo kugira ngo habeho gukira ibikomere bitigeze bijya aha-garagara ngo bivurwe, abantu bakire mu mbamutima zabo zakomeretse, zigahora zibatera agahinda n'umubabaro.

Kugira icyunamo rusange bituma habaho kwibuka, hakabaho ibiganiro bituma abantu bamenya amakuru y'ibyabaye hirya no hino. Ibyo bituma umuntu adakomeza kumva ko ariwe wenyine wahuye n'akaga, ahubwo akagirira impuhwe n'abandi yumvise banyuze mu bikomeye.

Kwibuka ni intambwe yerekeza k'ugukira kuko jenocide yagize ingaruka zitandukanye kandi zifite uburemere bukomeye mu muryango nyarwanda. Kugira igihe cyo kwibuka no gusubira mu byo abantu banyuzemo, bakabivuga bafite ugutekana muri bo, bibafasha gukira mu mbamutima.

Indi mpamvu y'icyunamo rusange mu Rwanda, ni ugufasha abantu guhora bazirikana amateka mabi abantu banyuzemo kugira ngo bakumire ikintu cyose cyagarura jenocide mu Rwanda. Kwibuka

gukozwe neza, gutuma abantu bimakaza guharanira amahoro, ubwiyunge n’ubusabane mu bantu kugira ngo habeho umuco wo kubaha ubuzima no kubwubahiriza.

Mu gihe cy’icyunamo rusange mu Rwanda, habaho kwibuka ibintu byinshi. Bimwe bituma umuntu azirikana ukuntu yarokotse, agatangazwa n’uko Imana yamurinze mu buryo bw’ibitangaza. Habaho kuzirikana ubutwari abantu benshi bagaragaje mur’ibyo bihe bikomeye. Hakabaho no kwibuka ibikorwa bibabaje cyane abantu bakoreye abandi babaziza ubwoko batihaye, kugeza aho babavutsa ubuzima amazanganya.

Kubera ko kwibuka amahano bigendana n’imbamutima zinyuranye, hari abibaza niba koko kwibuka hari icyo bimaze.

Nk’uko byagaragajwe n’abashakashatsi banyuranye, kwibuka bifite umumaro ukomeye mu mibereho y’abantu. Hatabayeho kwibuka nta gukira ibikomere byo ku mutima byashoboka kandi abantu bahera mu ruziga rw’ubushyamirane.

Nk’uko igikomere cyo ku mubiri kidashobora gukira kitagiye ahagaragara ngo gisukurwe, gishyirweho umuti kandi nibiba ngombwa gipfukanywe isuku, niko n’igikomere cyo mu mutima kidashobora gukira hatabayeho kugishyira ahagaragara kikamenyekana kandi kikavurwa ngo gikire. Niyo mpamvu kwibuka ari ngombwa.

11. Kwibuka bizana ugukira ibikomere.

Kugira ngo umuntu akire igikomere ni uko abanza akemera ko koko afite igikomere. Ibyabaye mu Rwanda mu mwaka wa 1994 mu gihe cya jenocide yakorewe abatutsi byaratunguranye cyane kuburyo nta gihe umuntu yari afite cyo gutekereza neza ngo asobanukirwe ubwicanyi bwari mu gihugu cyose, bwugarije abatutsi nawe arimo. Nta gihe cyo gutekereza ku bo umuntu apfushije, uburyo bapfuyemo,

ababishe ni bande? Bazize iki? Bahyinguwe bate? Bashyinguwe na nde? Bashyinguwe he? N’ibindi bibazo byinshi bitabonerwa igisubizo kugirango umuntu asobanukirwe neza n’ibibaye. Niyo mpamvu rero uko gusobanukirwa ari ngombwa ngo abantu babiganireho mu nzira yo gukira ibikomere buhoro buhoro.

Ibyabaye byose muri jenocide ya 1994 bisa n’aho byabitswe mu bwonko bw’abantu ariko ntibyabikwa neza kuko nta gihe cyo kubanza kubisesengura neza ngo umuntu abyumve kwabayeho.

Igihe cy’icyunamo ni igihe cyo kwibuka ibyabitswe nabi mu bwonko bw’umuntu, kugira ngo bisubirwemo, bitunganywe, bibone kubikwa neza kandi bisobanutse. Iyo bisobanutse umuntu ashobora kubana nabyo cyangwa bigakira.

Kwibuka bigendana no kongera kubabara, kugira agahinda, kugira umujinya, kugira uburakari, kugira ubwoba, kugira ipfunwe, kugira isoni, n’izindi mbamutima akenshi umuntu atifuza kugira.

Haba n’igihe mu Itorerero rya Kristo, abadasobanukiwe bumva izo mbamutima ari ibimenyetso byo kugwa no gusubira inyuma. Ibyo bituma abantu benshi borosa ibikomere, ahubwo bakihangana ngo bagume mu bandi banyetorero, kugira ngo hatagira ubacira urubanza.

Nyamara izo mbamutima zirasanzwe kandi ziterwa n’ibintu bibi bidasanzwe umuntu yanyuzemo. Waba uri umukristo waba utariwe, iyo uhohotewe, urababara kuko uri umuntu. Urugero: Iyo urwaye, kwa muganga bashobora kugutera urushinge, iyo rutobora umubiri bohereza umuti, urababara. Mbese kuba uri umukristo byakubuza kubabara mu gihe uterwa urushinge? Kugira imbamutima zigendanye n’icyakubayeho ni rusange mu bantu bidashingiye ku myizerere yabo, kandi bigira ingaruka ku muntu no mu mibereho ye.

12. Kwibuka bikumira ihohotera ryo mu bihe bizaza.

Abantu batazirikana ibyabaye mu mateka bashobora kongera kugwa mu mutego wo gusubira inyuma bakimakaza ihohotera.

Umuhanga umwe yaravuze ati: *“Agahinda kadahindutse kerekezwa ku bandi”*. Ibyo bivuga ko agahinda gakeneye guhindurwa. Kugira ngo agahinda k’umuntu gahindurwe, nyirako agomba kwemera ko agafite kandi akitegura guhangana nako. Abanyarwanda baravuga ngo: *“Agahinda ntikica kagira mubi”*.

Uko kuba mubi gufite insobanuro ebyiri. Hari kugira isura mbi. Haba igihe agahinda gateye umuntu kwizinukwa ntiyiyiteho. Ariko hari no kuba mubi mu ngeso. Byaragaragaye ko haba igihe umutima ukomeretse ukomeretsa n’abandi. Ababikurikiranye basanga uwahohotewe, iyo adafashijwe gukira ibikomere bye, agera igihe akaba ariwe uhohotera abandi kubera agahinda ke katahindutse.

Ikindi kandi, umuntu ashobora no kutagira abo ahohotera, ariko akihohotera ubwe. Ibyo bigaragazwa no kuba yahinduka umunywi w’inzoga, itabi, urumogi, cyangwa akiyandarika kubera ko ntakizere cy’ubuzima afite, bikaba byamwonona mu buryo bugaragara. Bishobora no kumugeza k’ugushaka kwiyahura ngo ave ku isi.

Abitwa Cermak na Brown bavuze ko agahinda gasenyagura umuntu kurusha ibindi cyane cyane iyo yanze guhangana nako. Bavuze kandi ko umubabaro utinda mu muntu kurusha iyindi ari umubabaro utemewe ngo ushyirwe ahagaragara, ahubwo ugakomeza kumungira umuntu imbere mu mutima.

Igihe cyo kwibuka gifasha abantu benshi gushyira ahagaragara agahinda kabo kandi bagafashwa gutera intambwe zituma badaheranwa n’agahinda, n’umubabaro ahubwo bagaharanira kongera kubaho no kwigira.

13. Kuki kwibuka ari ngaruka mwaka?

Amatariki jenocide yakorewe abatutsi mu Rwanda yatangiriyeho n’igihe yahagarikiwe birazwi neza. Iyo icyo gihe kigeze, buri wese yibuka ibyamubayeho cyangwa ibyabaye kube, no ku banyarwanda muri rusange. Icyo gihe abantu baha icyubahiro abo batashoboye kugihira mu gihe gikwiriye kubera kubura umutekano, kutamenya aho biciwe, naho imibiri yabo iherereye.

Muri icyo gihe habaho guherekeza no gushyingura mu cyubahiro imibiri yashoboye kuboneka y’abazize jenocide yakorewe abatutsi.

Kuko abantu bakomeretse badakirira rimwe, buri mwaka usanga hari abantu basa n’abatarashoboye kunamuka, bibafasha gukomeza noneho inzira y’icyunamo ntibakomeze kuba imbohe z’agahinda, n’umubabaro, ahubwo bagatangira kubyakira no kwiubuka.

Buri mwaka kandi icyunamo kigira intego rusange. Ibyo bifasha abantu gusobanukirwa uruhare rwa buri wese n’inshingano afite mu rugendo rwo gukira ibikomere, aho abanyarwanda bose bagomba gufashanya mu gukira ibikomere.

14. Uruhare rw’Urwibutso mu nzira yo gukira.

Kugira urwibutso bigira umumaro ukomeye mu rugendo rwo gukira ibikomere. Nk’uko ugiye kwivuzwa kwa muganga babanza kumubaza uko ababara, niko n’ukeneye gukira ibikomere byo ku mutima abanza kwibuka ibyamubabaje byose. Ugukira kwe guterwa n’uburyo yiyemeza kwibuka, kubiganira no kubyakira.

Bitewe n’icyo abibuka bahitamo, hashobora kubaho uburyo bwinshi bwo kwibuka. Hari abahitamo itariki runaka ikababera umunsi wo kwibuka ikintu cyawubayeho. Mu gitabo cya Esiteri dusanga Abisirayeri barahisemo iminsi ibiri, ku itariki ya cumi n’enye, n’itariki ya cumi n’eshanu z’ukwezi kwa Adari. Iyo minsi bayita iya

Purimu ngo bajye bibuka uko ukwezi k'umubabaro wabo kwahindutse uk'umunezero (Esiteri 9.20-22). Kwibuka kwabo kwa buri mwaka kwatumye biremamo imbaraga nshya, bagira umunezero. Hari igihe abantu bahitamo kujya bakora urugendo rw'urwibutso, ku itariki runaka.

Mu gihugu cyacu bahisemo kugira inyubako z'urwibutso, akenshi usanga aho zubatse haraguye abantu benshi. Izo nyubako zirimo ibintu binyuranye byigisha amateka n'ibyibutsa abanyarwanda ibihe bikomeye banyuzemo n'uko babivuyemo. Mu nzibutso kandi niho imibiri myinshi yabonetse y'abazize jenocide yakorewe abatutsi mu 1994 iruhukiye.

Urwibutso rugira umumaro wo kuba gihamya y'ibyabaye kugira ngo abantu b'isi yose bahore babizirikana, birinde ikintu cyose cyabashorara mu bikorwa bibi byabasenya.

Hari n'insengero na za kiriziya zabaye inzibutso kuko zibitse imibiri y'abaziguyemo. Mu gihe bari bugarijwe n'akaga gakomeye, abantu benshi bahisemo guhungira mu nzu y'Imana aho bajyaga babonera imigisha, bibwira ko bashbora kuhakirira.

Birakwiye ko inzibutso zitabwaho kuko zifasha abantu kubona aho batura intimba zabo.

Inyubako y'urwibutso ifasha abantu kutibagirwa ababo. Iyo nyubako kandi iba icumbi ry'imibabaro y'abantu, bakabona aho baririra, aho bunamira kandi bakahakirira ibikomere byo ku mutima kandi bagafatana mu mugongo.

Iyo umuntu atazi aho uwe yaguye, isi ye yose isa n'ibaye igituro. Aho akandagiye hose yumva bishoboka ko uwe ari aho yaguye. Ibyo bituma ahantu hose hamuhungabanya. Nyamara iyo hari ahantu yumva umubiri w'uwe ushyinguye, aratuzza kuko atongera kwikanga akeka ko aho akandagiye hose hari amagufa y'uwe.

Mu mihango ya gisirikare yo kwibuka bagira igituro bita “Icy’umusirikare utazwi”. Ibi bituma uwaguye ku rugamba wese, ahabwa icyubahiro; yaba yaramenyekanye cyangwa ataramenyekanye. Abantu be babona aho umubabaro wabo ucumbika, aho gusandara isi yose.

Kugira ngo habeho gukira, urwibutso rugomba gukoreshwa neza, ntirube urutuma abantu baguma mu ruziga rw’ubushyamirane, cyangwa ngo babe imbohe z’agahinda. Abantu bakeneye kwibuka ariko biyubaka kandi bakomeza umurunga w’ubumwe ariwo ubageza ku bwiyunge nyakuri.

15. Uruhare rw’icyunamo mu nzira y’ubwiyunge

Ubiyunge ni inzira ndende kandi itoroshye. Iyo nzira irimo ingingo z’ingenzi zo kwitabwaho na buri ruhande rw’abafite ubushake bwo kwiyunga.

Uwitwa Olga Botcharova wakoze ishusho yerekana uruziga rw’ihohotera, agaragaza n’intambwe zerekeza ku bwiyunge. Zimwe mu ngingo yagaragaje zishobora kugeza abantu ku bwiyunge nyakuri ni izikurikira:

- Gukora icyunamo no kugaragaza agahinda, umubabaro n’ishavu;
- Kwemera iby’umuntu yatakaje no kwemera guhangana n’agahinda, n’ubwoba;
- Kwibaza icyateye abagize nabi gukora ibyo bakoze. Gusubiza umwanzi ubumuntu;
- Gutera intambwe irenze ukwihanganirana gusa ;
- Guhitamo kubabarira, kwiyemeza guhangana n’ingaruka z’icyo cyemezo ;
- Kwegerana no gushaka kwandika amateka mu buryo bushya, gushakira hamwe umuti;
- Gushyiraho ubutabera buzahura aho gushaka uburyo bwo kwihorera;
- Kwerekeza inzira y’ubwiyunge buzira uburyarya;

Nk’uko bigaragara, hatabayeho izo ntambwe za mbere zo gukora icyunamo, nta nzira y’ubwiyunge yashoboka, ahubwo abantu bahera mu ruziga rw’ubushyamirane.

Uyu mushakashatsi twavuze haruguru yasanze akenshi nyuma yo kugirirwa urugomo haba igikomere cyo ku mutima kigendana n’agahinda gasanzwe mu gihe cy’icyunamo. Nyuma umuntu asa n’aho abarura ibyo yatakaje ariko ntabyakire ahubwo agasa n’ushaka gupfukirana imbamutima z’ishavu n’ubwoba byuzuye mu mutima.

Ahora yibaza impamvu ituma ariwe cyangwa abo bahuje bakorerwa urugomo. Ibyo bituma uburakari bugenda bwiyoungera. Yumva yifuza ubutabera ariko busa no kwihorera. Agerageza gusobanura neza uko ibyabaye byagenze by’ukuri kuko yumva abandi batabisobanura uko we abyifuza. Iyo bitinze nta gikorwa gifatika cyafasha umuntu gukira ibikomere, haba umugambi wo kwirenganura, ariko bikaba guhohotera abamuhohoteye mbere. Ibisobanuro bye biba byumvikana kuko aba avuga ati: “Ni bo banyendereje, jye nirwanagaho”. Ibyo nibyo byiswe uruziga rw’ubushyamirane kuko biba aka ya mvugo y’abanyarwanda ngo: *“Agahorahorane kamara imiryango”*.

Umuntu uri mu nzira yo gukira yerekeza ku bwiyoungere, iyo adashyigikiwe, ashobora gusubira inyuma akajya mu ruziga rw’ubushyamirane buhoraho. Nyamara kandi iyo uri mu ruziga rw’ubushyamirane abonye abamuba hafi bamufasha gufata ibyemezo biboneye, ashobora kuva mu ruziga rw’ubushyamirane akerekeza inzira yo gukira ishobora no kumugeza ku bwiyoungere nyakuri.

16. Uruhare rwa buri wese mu gihe cy’icyunamo.

Mu gihe cy’icyunamo, tugira ikibazo cy’uko twifata n’uko twafasha abandi. Umuntu yumva yakwihutisha iminsi kugirango icyunamo kirangire vuba, nyamara naho iminsi yahariwe icyunamo yarangira, ntibivuga ko igikomere cyo ku mutima nacyo gikize. Umuntu uri mu

cyunamo aba akeneye abamuba hafi bakamwihanganisha kandi bakamwihanganira mu mubabaro we n’agahinda.

17. Kwirinda kuba nk’incuti za Yobu

Iyo abantu bavuga iby’icyunamo n’agahinda, ntibabura kwibuka amateka ya Yobu. Bibiliya itwerekaye Yobu nk’umuntu wababaye cyane kandi nta ruhare na ruto afite mu kubabazwa kwe. Yari umukiranutsi nyamara ibyago byamwirunzeho agera aho yifuza gupfa nabyo arabibura.

Yobu yabuze amatungo ye yose, abashumba be bose, n’abana be bose, byose byashiriye mu gihe kimwe. Satani ntiyanyurwa amuteza indwara mbi y’ibibembe ituma bese bamwinuba kugeza aho n’umugore we atakimwihanganiye. Yobu yahawe akato afatwa ko ibyago bye ari igihano cy’ibyaha yaba yaracumuye ku Mana; ariko sibyo kuko ahubwo yari umukiranutsi.

Yobu yarakomeretse, agira agahinda kenshi cyane umuntu atabona uko avuga. Mu gice cya 2 cy’igitabo cya Yobu, tubonamo ko mur’icyo gihe cy’agahinda, incuti ze zaje kumuhumuriza no kumukomeza.

Umugambi wazo wari mwiza, kandi Yobu yamaranye n’incuti ze iminsi irindwi n’amajoro arindwi, nta n’umwe ukoma, yazigizemo ikizere maze asuka akababaro ke kuko abonye uwo akabwira. Ikibabaje nuko incuti ze zitihanganiye ako kababaro maze zitangira kumuhugura. Ibyatangiye ar’uguhumuriza bihinduka impaka, guca imanza ndetse no kumushinyagurira. Ibyo byatewe no kudasobanukirwa nicyo uri mu gahinda akeneye, no kudashishoza ngo bamenye neza impamvu nyakuri y’amakuba ye, kandi ko nta ruhare yabigizemo.

18. Bimwe mu byo uri mu gahinda akeneye.

Mu gihe cy'icyunamo dukeneye kumenya icyo ubabaye akeneye kugirango ye guheranwa n'agahinda.

Umuganga witwa Richard Lord yaganiriye n'abantu benshi bagize igihe cyo kuba mu cyunamo kubera abantu babo bishwe. Mu ngingo 9 yatanze incamake y'ibyo ubabaye yifuzza ko umuyobozi w'Itorero rye ndetse n'incuti ze zamenya kugirango bashobore kumuherekeza mu nzira ye y'icyunamo. Ubabaye aduha ubutumwa bukurikira:

1. Mwe kugerageza kumpa ibisobanuro.

Iyo ntaka nibaza ngo: “KUKI” mba nzi neza ko nta gisubizo gihari. KUKI yanjye yerekana gusa ko nkeneye ko Imana yaza ikampobera mu maboko yayo ikampumuriza. Ibyambayeho biba bindenze kandi bidasobanutse. Ibi sibwo buzima Imana yanteganiye nta n'ubwo bishobora kuba mu mugambi wayo. Nifuzza ko Imana n'abandi bese mwamba hafi cyane.

2. Mwubahe imbamutima zanjye.

Mbona umubabaro wanjye ari umutwari undenze, nyamara nkurikije ibyo nanyuzemo ngomba koko kubabara. Nzi ko ibyo bituma mubura uko mwifata ndetse mugashaka kumara umubabaro vuba. Nyamara ntimwabibasha, mwe kwirirwa rero mugerageza. Umubabaro kuri jye n'ikimenyetso cy'urukundo nakundaga abanjye nabuze. Nimubona mfite gushidikanya no kurakara mwumve ko izo ari intambwe zisanzwe z'agahinda katewe n'ibyo nanyuzemo. Ntabwo ariko nzahora meze, ariko ubu niko ndi. Nizo mbamutima zanjye. Ndabinginze muzubahe.

3. Mumfashe guhangana n'ikibazo cyo kutababarira.

Munyumve, ibyo nizera bimfiteye umumaro. Nigishijwe kenshi kubabarira. Nyamara muri jye haracyari intambara yo kwemera kubabarira umuntu utanasabye nibura imbabazi. Nibaza kenshi niba aribyo

kubabarira umuntu wagiriye nabi abo nkunda. Haba n’igihe numva nta burenganzira mfite bwo kubabarira umuntu nk’uwo. Nyamara nkumva no kutababarira bitampaye amahoro.

Ikindi ndwana nacyo, ni ikibazo cyo kubabarira ngo nkanibagirwa. Ndifuzza nkomeje ko abanjye bakomeza kwibukwa. Naho nagera ku kigero cyo kubabarira ndabinginze hatagira unsaba kwibagirwa. Ntibishoboka kwibagirwa abanjye, sinabishaka. Na Yesu mbere yo gupfa ku musaraba yasabye abe ati: “Mujye munyibuka”. Mwumve neza ko kubabarira atari amagambo gusa. Mu gihe mvuze ngo ndakubabariye bigomba kuba ukuri kuvuye mu mutima. Mwe kumpatira rero kuvuga amagambo yo kubashimisha. Ndashaka kuza-yavuga koko numva ko ari ukuri.

4. Mumbe hafi.

Nk’uko umwana muto akenera umuba hafi mu gihe atera intambwe ze za mbere, ndabasaba ngo mumbe hafi kugirango igihe mbakeneye mbabone. Mwumve ko nkeneye kunamira abanjye, kwihereza, kuniha nsa n’usamba, ariko munyibutse ko mukeneye kumenya igihe niteguye kuvuga ku kababaro n’agahinda byanjye.

5. Munyibuke igihe kirekire.

Abo nabuze bazambamo iteka. Nzahora nkenera kubavugaho mu myaka ir’imbere. Hari abantu bazagera aho bakarambirwa ibyo mbabwira, ndabasaba ngo mwe muzajye mumbaza uko meze igihe abandi bazaba banteye umugongo bisubiriye mu byabo. Abanjye bapfuye mujye mumfasha tubaganireho, tuvuge amazina yabo, dufatanye kubibuka.

6. Ntimuterwe ubwoba n’uburakari bwanjye.

Uburakari si bwiza, nyamara mu kuri mbwiyumvamo singiye kubihakana. Mbihakanye nijye byagiraho ingaruka. Nzi ko ukurakara kwanjye kudatera Imana ubwoba. Muri Bibiliya tubonamo abantu benshi bagiye barakara. N’imana hari ibyo irakarira. Umuntu waba ateye inkeke ni uwaba yarahohotewe ntashobore kurakara.

7. Mwumve gushidikanya kwanjye.

Nk'abayobozi b'itorero, muhagarariye ukwizera kandi niko bigomba kuba; ariko mwumve gushidikanya kwanjye kuko niko kubereka akababaro mfite. Kimwe n'uburakari, gushidikanya ntitubikunda, kubera iyo mpamvu benshi bazajya bashaka kunyirukansa ngo mbivemo vuba. Nyamara ubu mujye munyemerera mvuge ku bibazo nibaza, kuko aribyo bigerageza kugaragaza uko niyumva. Ntashoboye kugira ugushidikanya, no kwizera kwanjye nta gaciro kwaba gufite. Iyo ngenda ndwana no gushidikanya, buhoro-buhoro nibwo ngera ku kwizera gufite agaciro kandi kurushijeho gukura.

8. Munyihanganire.

Gutera intambwe kwanjye gushobora kugenda buhoro ndetse mu gihe abantu bibwira ko meze neza akaba aribwo nsubizwayo. Mumbere abo nshobora kubwira intege nke zanjye no gusubira inyuma kwanjye. Munyemerere mbe ufite intege nke ntimuhore munsaba gukomera. Nzagera ubwo nkomera, ariko bishobora gutinda kurenza uko abantu bibwira. Nkeneye ko munyihanganira.

9. Munyibutse ko ibi ubu atari bwo buzima bwonyine.

Akababaro kanjye n'agahinda biramunga. Nshobora kutagira ikindi ntekereza, singire ikindi numva. Munyibutse ko hari ibirenze uko numva n'uko ndeba ubuzima. Muvuge Ijambo ry'Imana atari nko guhuha ku kababaro kanjye gusa, ahubwo ari ugushimangira ubuzima. Sinshaka Imana imeze nk'akanini koroshya uburibwe, ndashaka Imana igendana najye tugasangira urugendo. Mukomeze muntere inkunga munyibutsa Imana impora iruhande ishobora no gucengera agahinda kanjye ntinsige njyenyine.

Mu magambo make, ubabaye akeneye abamuba hafi bamwumva. Nta magambo menshi akeneye. Ntakeneye guhugurwa kuko umubabaro atari ukujijwa. Ntakeneye kwigishwa kuko kubabara atari ubuswa. Ntakeneye kwihanishwa kuko kubabara atari icyaha. Ntakeneye gucyahwa kuko kubabara bidateye isoni.

19. Uruhare rw’Itorero rya Kristo mbere y’icyunamo rusange.

Intumwa Paulo muri Bibiliya mu rwandiko rwe rwa kabiri yandikiye itorero ry’Abakorinto, yaranditse ati: *“Hashimwe Imana y’Umwami wacu Yesu Kristo, ni yo na Se, ari na yo Data wa twese w’imbabazi, n’Imana nyir’ihumure ryose; iduhumuriza mu makuba yacu yose, kugira ngo natwe tubone uko duhumuriza abari mu makuba yose, tubahumurisha ihumure twahawe n’Imana ”*;2 Abakorinto 1:3-4.

Itorero rya Kristo rifite uruhari rukomeye mu bihe byose by’ubuzima bw’umuntu; byaba mu bihe by’umunezero cyangwa no mu bihe by’umubabaro, rigomba kumuba hafi. Abayobozi b’Itorero bafite inshingano yo kubwiriza abantu Ijambo ry’Imana, guhana, gutesha, guhugura no kwigisha (2 Timoteyo 4:2).

Jenoside yakorewe abatutsi yatumye abantu benshi baba mu gahinda kababuza kunezererwa ubuzima Imana yabahaye. Abo bose bakeneye guhumurizwa, cyane cyane n’itorero rya Kristo. NK’uko Intumwa Pawulo yabyandikiye Abakorinto, Imana ni Data wa twese, ni Imana y’imbabazi kandi n’Imana nyir’ihumure ryose. Inshingano y’ingenzi y’Itorero ibihe byose ni ugufasha abantu kwakira ihumure riva ku Mana Data wa twese. Mu bihe barimo byose by’ubuzima.

Intumwa Pawulo atanga impamvu yo kwakira iryo humure. Uwahumurijwe nawe ahinduka ugeza ihumure ry’Imana ku bandi bose bakeneye guhumurizwa. Abanyarwanda bose bababaye bahindutse abahumuriza abababaye, abatuye igihugu bose basendera amahoro yo mu mutima ariyo soko y’iterambere, ubumwe n’imibanire myiza.

Mbere y’icyunamo rusange, Itorero rya Kristo rikwiye kuzirikana kwigisha ku ndangagaciro z’ubukristo, kandi rigashimangira cyane ukubaha ubuzima. Ibyo byatuma “NEVER AGAIN” (bitazongera kubaho ukundi) yimakazwa mu mibereho yose y’abanyarwanda.

Itorero kandi rikwiye gufata ingamba zo guhugura abajyanama baja batega amatwi abafite intimba ku mutima. Abantu benshi baherana n'agahinda bakabura n'uwo baganyira.

Kugira aho umuntu asuka amaganya ye n'intambwe y'ingenzi yerekeza ku gukira kw'ibikomere byo ku mutima. Buri wese ubabaye akeneye ko agahinda ke gahabwa agaciro, kakamenyekana kandi akumva ko yumviswe. Gutanga urubuga rw'aho abantu batangira ubuhamya bw'ibyababayeho, ni ingenzi mu nzira yo gukira.

Ukudasobanukirwa n'imbamutima zigendana n'icyunamo n'ihungabana bituma abantu baheranwa n'agahinda. Itorero rikwiriye kwigisha abantu kugira ngo basobanukirwe. *Abantu bakeneye kumenya ko izo mbamutima ari izisanzwe kubera ibintu bidasanzwe byababayeho bikabakomeretsa.* Ibyo byose byigishijwe neza, abantu baja bagera mu gihe cy'icyunamo rusange barateguwe bakakibamo kitabahungabanyije.

20. Uruhare rw'Itorero rya Kristo mu gihe cy'icyunamo rusange.

Umuhanuzi Yeremiya yagize umubabaro w'ubwoko bwe bwabonye akaga n'umubabaro, maze yandika agira ati: *"Mbabajwe n'umubabaro w'abantu banjye: ndirabuye; kwiheba kuramfashe. Mbese i Galeyadi, nta muti womora uhaba? Kuki uruguma rw'ubwoko bwanjye rutakize?"*, Yeremiya 8:21-22.

Mu gihe cy'icyunamo rusange habaho kwibuka imibabaro abantu banyuzemo, uko abantu bishwe, ababishe uko basaga, intwari bakoresheje, amagambo mabi yavuzwe, n'ibindi biteye agahinda. Kimwe na Yeremiya, ibyo byose bitera kwirabura, imitima ikababara, ikarakara kandi ikiheba. Kenshi ibyo bigendana n'amarira menshi ndetse hashobora kuba n'ihahamuka.

Uruhare rw'Itorero rya Kristo mu gihe cy'icyunamo rusange ni ugu-fasha abantu kudaheranwa n'agahinda ngo bahinduke imbohe z'amateka mabi yahise. Itorero rifasha abantu kugeza imibabaro

yabo ku musaraba w’Umwami Yesu kuko ariho hari umuti (Yesaya 53.4-5). Itorero kandi rifasha abantu kwibuka ibibarema umutima. Kwibuka uko abantu barokotse n’ababafashije. Ibyo bituma habaho kubona ko Imana yatabaye mu bihe bikomeye.

Uwitwa Margaret Clarkson yaravuze ati: *“Akababaro ni akababaro, n’agahinda ni agahinda, karakomeretsa, karazitira, karatindahaza, gatanga akato, kabuza ubwisanzure, gasenyagura umuntu kamuhereye imbere muri we, kaburagiza mu buryo ibihumbi butandukanye, nta cyiza kikarimo; ariko, impano ziturutse ku Mana zigaherekeza, nizo mpano zifite agaciro gahebuje Roho y’umuntu ishobora kubona”.*

Iyo uyu mwanditsi atongeraho iyi nteruro ya nyuma, ubanza ufite agahinda wese yakwiyahura kuko nta cyiza na kimwe yaba ategereje ku buzima. Nyamara yerekanye ko hari impano Imana itanga mu gihe cy’agahinda. Imwe muri izo mpano ni iy’ihumure. (2 Abakorinto 1:3-4). Hahumurizwa ubabaye, utababaye ntakenera ihumure.

Kugira ngo abone ihumure, ubabaye akenera umutega amatwi akumva umubabaro we. Kubera ubwinshi bw’abababaye, kenshi buri wese yigunga ukwe ntiyite ku mibabaro y’abandi. Bityo Itorero rifite inshingano ikomeye yo guhugura abashobora gutega amatwi abababaye.

Ijambo ry’Imana ritwereka ko naho umuntu yabura umwumva, Yesu we, amwumva kuko nawe yanyuze mu mibabaro no mu bigeragezo bikomeye (Abaheburayo 4:14-16). Mu gihe cy’icyunamo rusange, Itorero rifasha abantu gusuka agahinda kabo imbere y’Imana maze bakemera kwakira ihumure rituruka kuri Yo.

Kutumva kimwe ibyerekeye gushyingura mu cyubahiro; kugira inzibutso hirya no hino mu gihugu ndetse n’ibihe byo kwibuka, bikurura impaka mu bakristo ndetse ugasanga buri wese akoresha Bibiliya ngo ashygikire ibitekerezo bye n’iyo byaba atari ukuri.

Nyamara Bibiliya yerekana agaciro ubwoko bw’Imana bwahaga imihango yose yerekeranye no gushyingura, kwibuka no kubahiriza ibyifuzo by’abakuwe mu mubiri. Urugero twavuga ni urwa Yosefu wasabye kuzashyingurwa mu gihugu cy’isezerano. Amagufa ye yagumye muri Egiputa mu myaka hafi magana ane, nyuma Abisirayeri bayazererana imyaka mirongo ine mu butayu bava muri Egiputa berekeza i Kanani, baza kuyashyingura i Shekemu mw’isambu ya se (Itangiriro 50:25; Yosuwu 24:32).

Itorero ryakwifashisha imihango isanzwe kugirango ryigishe ibigendanye n’umuhango wo kwibuka. Urugero: Kwegera ameza y’Umwami bahabwa ifunguro ryera. Uwo muhango watangijwe na Yesu ubwo yabwiraga abigishwa be ati: *“Uyu ni umubiri wanjye ubatangiwe: mujye mukora mutya kugirango munyibuke”*, Luka 22:19-20. Uko abakristo begera ameza y’Umwami baba bibuka urupfu rwa Yesu no kuzuka kwe.

Buri mwaka kandi tuzirikana iminsi mikuru y’uwa gatanu wera na Pasika twibuka imibabaro ya Yesu, urupfu rwe, no kuzuka kwe anesheje urupfu. Kwibuka uwawe n’abandi banyuze mu mibabaro n’urupfu rubi ni ngombwa mu banyarwanda. Mu Itorero rya Kristo, ibyiringiro byo kuzuka nibyo bikwiriye kuranga umuhango wo kwibuka kuko urupfu rwaneshejwe na Yesu utugabira ubugingo buhoraho.(1 Abakorinto 15:55-56).

Twibuke ko ku bakristo umusaraba ari urwibutso. Benshi barawambara, abandi barawutunze, ndetse no mu nsengeru zose no muri za Kiliziya habamo umusaraba. Nyamara uwo musaraba ntutwibutsa imibabaro ya Yesu n’urupfu rwe gusa ahubwo utubera gihamba y’ibyiringiro by’ubugingo buhoraho tubonera muri Kristo.

Byaragaragaye ko mu cyumweru cy’icyunamo, iyo Itorero rishyizeho gahunda yo guterana, hakabaho inyigisho zihumuriza ndetse n’ibihe byo gusengera abafite intimba ku mutima, abantu benshi barahumurizwa, bagakomera ntihabe guhungabana.

Uretse guhumurizwa n'Ijambo ry'Imana n'amasengesho ikindi gifite imbaraga zo guhumuriza ni indirimbo. Mu gihe cy'icyunamo birakwiye gutoranya indirimbo zihumuriza zaba izo mu bitabo bikoreshwa, iz'imitwe y'abaririmbyi n'abahanzi banyuranye bafite impano yo guhumuriza abababaye.

Ni byiza kandi kuzirikana kugira umwuka w'ituze nta bitera urusaku bishobora kuba intandaro y'ihahamuka. Imyambaro ikoreshwa ibe ifite amabara adatera ubwoba. Amagambo akoreshwa abe yoroshye adakomeretsa kuko mur'icyo gihe n'inkovu zishobora kongera gutonekara.

Igihugu cyacu gifite umugisha wo guha agaciro abanyamadini ku buryo ahabereye imihango yo kwibuka hose bahabwa umwanya wo kugira icyo bavuga. Icyo gihe bakwiriye kugitegura neza bagatanga ubutumwa bwururutsa imitima (Yesaya 40:1-2a).

Mu Rwanda dufite kandi n'umugisha wo kugira ibitangaza makuru, na za radio nyinshi zisakaza Ijambo ry'Imana. Mu gihe cy'icyunamo, ibyo byose byakoreshwa kugira ngo ijambo ry'ihumure ritanga ibyiringiro, ijambo rikiza kandi ribeshaho, rigere kuri bese.

Aho abantu bateraniye ari benshi, hari ubwo haba ikibazo cy'ihahamuka; ni byiza kwiyambaza abajyanama bahuguriwe gufasha abantu mu bihe nk'ibyo. Abo bajyanama bakwiriye guteguzwa hakiri kare, ibikoresho bikenerwa bigategurwa, ndetse n'ahantu hatuje baryamisha abagize ibibazo. Nubwo ibikorwa byo gufasha abababaye bihoraho mw'Itorero, ariko bikwiriye kwiyongera mu gihe cy'icyunamo kandi bikagira gahunda iteguwe neza.

Mu gihe cya jenocide yakorewe abatutsi, hari abantu bafashije bagenzi babo, bemera guhara ubuzima bwabo, abo nabo bakwiriye kwibukwa kuko batanze urugero rwiza rw'imyitwarire iranga ubukristo nyabwo. Umurage wabo ugomba guhora uzirikanwa kuko

kwibuka umukiranutsi kuzana umugisha (Imigani 10:7). Uko bishoboka abakiriho baja bashimirwa ubutwari bagize ndetse ibyo bigakorera mu ruhamo kugirango bibere bese urugero rwiza kandi umuryango nyarwanda wose ubashimire kwitanga, impuhwe n’umutima nama wa kimuntu bagize.

Itorero rya Kristo rikwiye gukomeza gukangurira abakristo kwifatanya n’abandi baturage muri gahunda ziba ziteganijwe n’ubuyobozi, ndetse bakazirikana intego ya buri mwaka igendana no kwibuka.

21. Uruhare rw’Itorero rya Kristo nyuma y’icyunamo rusange.

Intumwa Paulo yandikiye Timoteyo amuhugurira gukoresha Bibiliya nk’Ijambo ry’Imana ryuzuye kandi rifasha abantu kuzura ubuntu n’ubutware, aho yavuze ati: *“Ibyanditswe byera byose byahumetswe n’Imana, kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye, no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka: kugira ngo umuntu w’Imana aye ashitse, afite ibimukwiriye byose, ngo akore imirimo myiza yose”, 2 Timoteyo 3:16-17.*

Paulo yongeye kandi kwihanangiriza Timoteyo kugira umwete wose yigisha Ijambo ry’Imana mu gihe arimo cyose ati: *“Ndagutongera mu maso y’Imana no mu ya Kristo Yesu..., ubwirize abantu Ijambo ry’Imana ugire umwete mu gihe kigukwiriye no mu kitagukwiriye, uhane, uteshe, uhugure, ufite kwihangana kose no kwigisha”, 2 Timoteyo 4:1-2.*

Aya magambo Pawulo yandikiye Timoteyo ni incamake y’inshingano z’Itorero ry’Imana muri rusange. Nyuma y’icyunamo rusange, Itorero rikomeza izo nshingano zaryo zo guhumuriza abantu no kubafasha kuba abantu b’Imana bashitse. Zimwe mu nyigisho z’ingenzi abantu bakeneye harimo izibafasha kugera ku bwiye.

Kugira ngo ubwiye bugerweho, ni ngombwa ko habaho gukora ibikomere byo mu mutima. Iyo bidakize, kwihana no kubabarira

ntibishoboka. Umutima ukomeretse ntushobora kwakira imbuto y'ubutumwa bwiza ngo ikure neza. Umutima uba wugarijwe n'ibibazo byinshi umeze nka wa murima Yesu yatanzeho urugero mu Ubutumwa bwiza uko bwanditswe na Matayo 13:7; 22.

Umuhanuzi Yesaya yahanuye iby'inshingano za Yesu muri aya magambo : *“Umwuka w'Umwami Imana ari kuri jye, kuko Uwiteka yansigiye amavuta ngo mbwirize abagwaneza ubutumwa bwiza; yantumye kuvura abafite imvune mu mutima”, Yesaya 61.1.* Izo nshingano zo kuvuga ubutumwa bwiza no kuvura abafite imvune mu mitima nizo Yesu yasigiye Itorero rye.

Abashaka kugera ku bwiyunge nyakuri baharanira gukira ibikomere byo ku mutima. Uko gukira niko gutuma haba ubushake bwo guca umurunga w'ubushyamirane, abantu bakagira intumbero imwe igamije kubaka ejo hazaza heza. Ibyo bigerwaho iyo uwahemutse ashoye kumva akababaro yateje maze agafata icyemezo cyo kwihana agasaba imbabazi. Uwahemukiwe nawe, ava mu kazitiro k'agahinda, agafata icyemezo cyo gukomeza kubaho, kuko kubaho ari ukubana, atera intambwe yo kubabarira uwamuhemukiye.

Kwihana no kubabarira bigira intego zimwe ari zo zikurikira:

- Guharanira ko ibintu bihinduka, amahoro agataha mu mutima, Yesaya 48.22.
- Guharanira kubohoka no kugira umudendezo himakazwa ukuri, Yohana 8.32.
- Kunga umubano wakomeretse, umuntu akiyunga nawe ubwe, n'abandi ndetse n'Imana, Yesaya 1.16-19, Luka 6.36.
- Kwemera no guha agaciro ibibi byakozwe n'ingaruka zabyo, Zaburi 32.3-5.
- Guharanira ubutabera buzahura bityo umugisha ugatamba impande zose, Zaburi 85. 11-14.

Mu gihe cy'icyunamo rusange, hari abantu bashobora guhura n'ikibazo cy'ihahamuka kubera ihungabana batewe n'ibyago banyuzemo. Ni byiza ko itorero ribamenya kugirango ribateganyirize ubujyanama bukwiriye kugeza igihe bazakira bagakomeza ubuzima busanzwe. Mu nyigisho Itorero ritanga rikwiriye kwibanda ku gusobanura ibyerekeranye n'ihungabana ndetse n'ihahamuka kuko kubera kudasobanukirwa hari ababyitiranya n'abadayimoni cyangwa n'indwara y'ibisazi.

III. IHUNGABANA

Muri Bibiliya, isezerano rya kera, dusangamo inkuru y'umugabo Yobu wanyuze mu byago bikomeye, bimumunguye kandi ari umukiranutsi. Yapfushije abana be bose, abura ibyo atunze byose, ndetse arwara indwara mbi cyane y'uruho kugeza aho avuga ati: *“Kuko kuniha kumbereye ibyokurya, kandi imiborogo yanjye isukwa nk'amazi. icyo natinyaga ni cyo cyangezeho; kandi icyanteraga ubwoba, ni cyo cyanjeho. Simfite amahoro, sintuje, kandi singuwe neza; ahubwo ibyago nibyo bintera”*, Yobu 3.24-26.

Ibyago umuntu ahura nabyo mu buzima bimutera agahinda. Uburemere bw'agahinda bushobora gutera ihungabana. Abahanga bemeza ko ihungabana rikomoka ku gahinda no ku bwoba bwinshi umuntu yagize mu gihe cy'amakuba; ariko ubwoba n'agahinda byose ntibitera guhungabana. Hari ibintu bine by'ingenzi biranga icyago gihungabanya.

- Kuba kidasanzwe;
- Kuba gitunguranye;
- Kuba cyatera ubwoba bwinshi buri wese;
- Kuba kucyihanganira birengeje ubushobozi karemano bw'umuntu.

1. Ibyiciro by'ibyago bihungabanya

Ibyago bihungabanya byashyirwa mu byiciro bitatu:

- Hari impanuka zisanzwe zitewe n'imihindikire y'isi. Urugero: inkangu, umutingito, umwuzure, n'ibindi bisa bityo.
- Hari impanuka ziterwa n'umuntu bimugwiririyeye. Urugero: guhisha inzu, impanuka y'imodoka, n'ibindi bisa bityo..
- Hari akaga gatewe n'umuntu abigambiriye. Urugero: intambara, gufatwa ku ngufu, gukubitwa, n'ibindi bisa bityo.

2. Ibyiciro by'abahungabana

- Abakorewe urugomo (ukomerekejwe n'igisasu, ukubiswe, ufashwe ku ngufu n'ibindi)
- Ababonye urugomo rukorerwa abandi (kureba umuntu yicwa, kumva abataka n'ibindi)
- Abakuruye akaga (umuntu wica undi, ufata undi ku ngufu n'ibindi).

3. Ibigena ubukana bw'ihungabana

Abantu bashobora kugerwaho n'akaga kamwe ariko ntibahungabane kimwe. Ibyo biterwa n'imiterere itandukanye y'abantu ndetse n'ibyo banyuzemo bitandukanye. Kenshi ubukana bw'ihungabana bugenwa n'ibi bikurikira:

- Inshuro umuntu yahanganye n'ibikomeye mu buzima bwe n'ingaruka byamugizeho;
- Inkunga aterwa n'abandi mu gihe cy'akaga na nyuma yako; Ugushikama kw'imibereho umuntu yari asanganywe;
- Imiterere y'umuntu: ikigero cye, igitsina, imyemerere ye, n'ibindi;
- Indwara zo mu mutwe zisanzwe mu muryango, n'ibindi.

4. Ibiranga ihungabana

Mu gihe cy'icyago

Mu gihe cy'icyago, hari ibiba ku muntu bigaragaza ko ashobora kuza-gira ingaruka zirambye zitewe n'ibimubayeho. Ibyo bigaragarira ku nzego zikurikira:

- Umubiri: umutima uratera cyane, gususumira umubiri wose, kubira ibyuya byinshi, gucika intege, kugira umunaniro ukabije, kubabara mu nda, gushaka kwihagarika, n'ibindi
- Ubwenge: kugira ibitekerezo byinshi mu gihe gito, kwibaza gusa ibigiye kumubaho, n'ibindi
- Umutima: ubwoba bwinshi, guhangayika, agahinda, ishavu, umujinya, kubura ibyiringiro, n'ibindi

Nyuma y'icyago

- Ibitekerezo bihora bigaruka ku byabaye;
- Kurwara umutwe kenshi, cyangwa izindi ndwara nko guhume-ka nabi, ibihari ku ruhu, kuribwa mu igifu, kuribwa umugongo, n'izindi ndwara zidasobanutse neza;
- Kubura ibitotsi, gushikagurika uri mu bitotsi, cyangwa se kugira ibitotsi bikabije;
- Kugira umunaniro udashira, gutentebuka;
- Kurya cyane cyangwa kunanirwa kurya;
- Kudashobora guturiza ahantu hamwe, umuntu asa n'uwikanga ko aho ari hadatekanye;
- Guceceka cyane cyangwa kuvuga cyane;
- Kumva asa n'uhora aryamiye amajanja, agasa nk'uwiteze icya-go cyamubaho;
- Guhunga ahantu habereye cyangwa hibutsa akaga;
- Kugira uburakari bukabije, amahane, cyangwa se kwigengese-ra bikabije;

- Kugira umutima umucira urubanza nk’aho ibyabaye abifitemo uruhare;
- Kumva nta byiringiro byo kuzongera kubona icyamushimisha mu buzima;
- Kwifata nk’uko yifashe mu gihe cy’akaga igihe habaye icyimwibutsa ako kaga, ari byo benshi bita guhahamuka;
- N’ibindi.

Ibi ni bimwe mu bigaragaza ihungabana. Ubundi ibyo bimenyetso birasanzwe mu gihe cy’akaga, ariko iyo bikomeje kwigaragaza bikarenza igihe cy’ukwezi, biba byerekana ko umuntu afite ihungabana. Ugukomera kw’ihungabana kugaragazwa n’umubare munini w’ibimenyetso n’inshuro byigaragaza.

Iyo ibyo bimenyetso bibangamira ubuzima busanzwe kuburyo umuntu aba atagishoboye gusohozwa inshingano ze za buri muni, biba byerekana ko yahungabanye bikomeye. icyo gihe bisaba ko yitabwaho by’umwihariko, akagezwa ku bajyanama bahuguriwe kwita ku bahungabanye.

5. Zimwe mu ngaruka z’ihungabana

- Kunanirwa gukunda no kunanirwa kwakira urukundo;
- Kubura ikizere mu bantu hafi ya bose;
- Kugirana amakimbirane atari ngombwa n’abo mubana cyangwa abo mukorana;
- Imyifatire itunguranye y’ihahamuka mu gihe hari imbarutso yibukije icyago;
- Kutagira imbamutima zikwiriye cyangwa kugira izikabije;
- Kugira agahinda gahoraho n’umubabaro ukabije;
- Kwibagirwa cyane, kumva mu mutwe ibintu bisa n’ibyivanze;
- Umuntu guhora asa n’uwisobanura aho ari hose;
- Guhorana ubwoba n’umutima uhagaze;
- N’ibindi.

Icyitonderwa: Tuzirikane ko uwahungabanye iyo atabonye abamufasha gukira, abana n'iryo hungabana muri we kandi akaba yariraga n'abazamukomokaho.

6. Gufasha abahungabanye

Kugira ngo uwahungabanye ashobore gukira ni ngombwa ko yumva atekanye ku buryo ashobora kuvuga ibyo yanyuzemo akabisobanura ku buryo burambuye. Umuntu ubonye uwo yizeye aganirira ibyamubayeho, niwe ukira vuba kuruta ubigumana muri we.

Uwahungabanye akeneye gushyira ahagaragara imbamutima yiyumvamo. Akeneye urubuga ngo yisanzure asuke ibiri ku mutima we (ishavu , agahinda, akababaro, uburakari, ukwiheba, ukwigunga, uguhangayika). Akeneye kumva adacirwaho urubanza, kandi ko atari wenyine ahubwo afite abantu bashoboye kumuba hafi, bamutega amatwi no kumuha inama nziza zo kumufasha.

Kenshi kubera kudasobanukirwa, usanga mw'itorero hari abantu bumvisha uhungabanye ko yatewe n'abadayimoni, cyangwa ko imbamutima yiyumvamo zitewe nuko atakiriye agakiza uko bikwiriye. Ibyo ni nko kubwira urwaye malariya ko ahinda umuriro kubera kutizera Yesu. Abayobozi b'itorero rya Kristo bakwiye gusobanukirwa neza ibihe bikomeye uwahungabanye yanyuzemo n'ubujyanama bamufashisha kugirango asohoke mu mibabaro ye aho gushyira byose kuri satani, abadayimoni cyangwa kutizera.

Mu rwego rwo gukumira bene ubwo bujiji, ni ngombwa ko mw'itorero habaho abantu bahuguriwe gufasha abafite ikibazo cy'ihunganana. Abo nibo bashobora gutega amatwi uwahungabanye mu buryo bukwiriye, no kumuha ubujyanama bufite ireme mu gihe gikwiye.

Abajyanama bafasha uwahungabanye:

- Kuvuga inkuru ye mu buryo bumufasha gukira;
- Kuvuga ku mbamutima agira;
- Bamuha igihe gihagije akisanzura;
- Bamwumvana imbabazi, urukundo n’ubugwaneza;
- Birinda kugereranya agahinda ke n’ak’abandi kuko buri gahinda kose ni agahinda;
- Niba yizera Yesu, bamufasha gutura akababaro ke ku musaraba;
- Basengera hamwe kandi bakamufasha no mu bundi buryo bwose butuma ashobora gukira.

Icyitonderwa: Tuzirikane ko n’abahugurirwa umurimo w’ubujyana ari abantu baba bafite ibyabakomerekeje mu mibereho yabo. Ni byiza kubanza kubafasha guhangana n’ibikomere byabo kugirango bakire, bakomere, babone uko bazajya bafasha abandi. Iyo umujyana nawe agihungabanye, bigira ingaruka mbi kuri we ubwe ndetse no kubo yari akwiriye gufasha. Yesu yabonye neza ko intumwa Petero aza guhungabana kandi atashobora gufasha abandi mu gihe nawe agihungabanye. Ariko Yesu amusabira kugirango namara gukomezwa nawe afashe bagenzi be. (Luka 22:31-32)

7. Ihungabana mu bana no mu rubyiruko.

Hariho umubare munini w’abana ndetse n’urubyiruko bahungabanye bakaba bibana. Ibyo bimugaza imibereho yabo ariko bakabura icyo babikoraho kuko akenshi batagira ubavuganira ngo bitabweho bashobore gukira ihungabana. Yesu yatanze inshingano ikomeye ku bashumba mu itorero rye ubwo yihanangirizaga Petero amubwira ati: *“Ragira abana b’intama zanjye”*, *Yohana 21:15*. Iri ni itegeko riva ku Mwami wacu Yesu Kristo.

Itorero rifite inshingano yo kwita no ku bana no ku rubyiruko kuko nk’uko byagaragaye, ingaruka z’ihungabana zisenya ejo hazaza habo. byo bitera igihombo gikomeye abantu ku giti cyabo, imiryango, itorero, n’igihugu muri rusange.

Bimwe mu bitera ihungabana mu bana no mu rubyiruko ni ibi bikurikira:

- Gupfusha abantu babafitiye umumaro: ababyeyi, incuti, abavandimwe, n’abandi yarafitemo icyizere cy’igihe kizaza;
- Kumugazwa bagatakaza ibice by’umubiri;
- Gukurwa mu babo no mu byabo;
- Kubura umutekano;
- Gutakaza icyizere mu bandi;
- Gutakaza ubuziranenge, bakoreshwa ibyo badashaka;
- Gutakaza imyizerere y’ibanze;
- Gutakaza ibiranga umuntu akabaho atazi inkomoko ye n’uwo ariwe;
- Gutakaza uburenganzira bw’umwana;
- Gutakaza agaciro nk’umuntu kuko hari n’abagizwe nk’abacakara;
- N’ibindi bituma yibuka ibibi byamubayeho akifuzaga gupfa yibwirako ko byamurutira kubaho ababazwa atyo.

Bimwe mu biranga ihungabana mu bana

- Kwigunga no kujunjama;
- Gusubira inyuma mu mikurire;
- Gusinzira nabi no kugira inzozi mbi;
- Kubura ituze muri we;
- Gukina imikino imwe isa n’ibyo yanyuzemo;
- Kugira uburwayi budasobanutse;
- Kutagira ibimushishikaza, no kutishima nk’abandi bana

Bafashwa bate?

- Guterura abana bato no kubahumuriza, kubavugisha neza.
- Birakwiye kubihanganira cyane kuko gukora kwabo bishobora gufata igihe kirekire;

- Gukoresha imikino kugira ngo bashobore kugaragaza ibyabayeho;
- Abazi gushushanya, kubafasha bagashushanya ibyo bashaka
- kuko akenshi biba bijyanye n'ibyo babonye ndetse nuko biyumva;
- Gusobanurira abana bakuze mu magambo yoroshye ibyabayeho
- kuri bene wabo bagasobanukirwa neza n'isano bari bafitanye;
- Kubafasha kurotora inzosi bagira, bakavuga n'ibyo bibuka bibi;
- Kubasengera ariko udashyiramo amagambo abakomeretsa ahubwo abahumuriza akabagaruramo ibyiringiro;
- Kubigisha uturirimbo n'imirongo yo muri Bibiliya ibafasha gukira.

Ibimenyetso bimwe by'ihungabana mu rubyiruko

- Kutizera abantu;
- Kutavuga ibibarimo;
- Gusuzugura no kuraruka;
- Kurwana no kurakazwa n'ibintu byoroheje;
- Gusinzira nabi no kugira inzosi mbi;
- Kujunjama no gucika intege;
- Kutagira ibibashishikaza no kutishima;
- Kurira bihishe, guhangayika no gutekereza cyane;
- N'ibindi.

Bafashwa bate?

- Kubatega amatwi, kubumvisha ko ubafitiye igihe kandi witaye kubyo bakubwira;
- Kubafasha kumva ko bashobora kugira icyo bakora ku bibazo bahura nabyo;
- Kubafasha kuvuga ibyo bifuzaga gukora mu gihe kizaza bamaze gukira;

- Kubafasha kurotora inzizi bagira no kuvuga ku bibatera ubwoba;
- Kubagira inama yo kwandika ibibabaho n’uko biyumva;
- Kubatera inkunga bagashushanya ibyo babonye bakanabigani-
raho;
- Kubategurira imikino ngororamubiri ituma bakoresha ingingo
zabo cyane;
- Kubategurira ibiterane byabo, bakabona aho batangira ubuha-
mya;
- Kubashishikariza kujya muri za korari no guhimba indirimbo
n’amakolasi;
- Kubasengera no gusengana nabo;
- Kubafasha mu buryo bwo kwiga iby’ubukungu bibaganisha
kuzibeshaho mu buzima bwabo.

Icyitonderwa: Kubona ikimenyetso kimwe ntibihagije kwemeza ko umwana ahungabanye, keretse yarahuye n’icyago gihungabanya kandi hakagaragara ibimenyetso binyuranye. Mu gihe ibimenyetso by’ihungabana bikomeje kwigaragaza no mu gihe bibangamira imibereho isanzwe y’umwana (nko kunanirwa kwiga no kwiyanga ubwe), ni byiza kumugeza bidatinze ku bajyanama bahuguriwe ibyo gufasha abahungabanye.

IV. IHAHAMUKA

Ni byiza ko abantu basobanukirwa icyo ihahamuka aricyo, n’impamvu ziritera kuko byagaragaye ko kenshi mu mihango yo kwibuka hari abahamuka bikaba ngombwa kubajyana ahantu hatuje bakitabwaho by’umwihariko n’abajyanama babihuguriwe.

Nkuko Dawidi abivugaga muri Zaburi 139.14i, twaremwe mu buryo butangaje. Mu buzima busanzwe, iyo umuntu abonye ikintu, hari uko ubwonko bucycisobanurira, bukakibika mu gice cy’ubwonko cyabigenewe. Iyo wongeye kukibona, uhita wibuka ko wari warigeze kukibona, kuko ubwonko bwakubitse neza.

Mu gihe cy'icyago gihungabanya, twabonye ko umubiri wose ugira uko wifata kubera ibintu bidasanze uhuye nabyo. Mu gihe cy'akaga, hari ibintu byinshi biba mu gihe gito, kandi umuntu ahangayikishijwe gusa no gukiza amagara ye. Kubera ubwoba bwinshi, ubwonko ntibushobora kubika neza ibirimo kuba, ahubwo byirunda mu mutwe uko bibonye.

Urugero ni iyo umuntu yitegura kujya mu rugendo, atunganya imyambaro ye, akayishyira mw'isanduku ayizinze neza. Nyamara iyo atunguwe, apfa gufata ibiri hafi akabirunda mw'isanduku uko abonye, yizeye kuzaba abitunganya ageze iyo agiye. Niko bigenda no mu bwonko iyo umuntu atabonye igihe cyo gusobanukirwa neza ibimubayeho. Ibyo abona, yumva, ibimugera ku mubiri, byose byirunda mu bwonko bwe vuba vuba. Ibyo bibitse nabi mu bwonko, nibyo bihungabanya umuntu, akaba yabibana igihe kirekire, ndetse umubonye ntabe yamenya ko afite ihungabana muri we.

Hari igihe ihungabana rijya ahagaragara bitewe n'imbarutso ikomye ku bubiko bw'ubwonko. icyo gihe bavuga ko umuntu yahahamutse kandi bikagaragarira buri wese ako kanya.

Kugira ngo byumvikane neza turifashisha urugero rwo mu buzima busanzwe. Dutekereze nk'umwana wabonye igitero kiza iwabo maze umuntu wambaye ingofero itukura akamwicira ababyeyi. Ibyo bintu bishobora kwibika nabi mu bwonko bwe akabibana. Byashoboka ko nyuma y'igihe kirekire, yigendera mu nzira, yakebuka akarabukwa umuntu wambaye ingofero isa n'iy'uwamwiciye ababyeyi maze mu kanya nk'ako guhumbya agasubizwayo. Abamuri iruhande bashobora kumva avuza induru atabaza, nk'aho yongeye kubona iwabo bicwa.

Ibikurikira bishobora kuba imbarutso y'ihahamuka mu bantu:

- Kunukirwa cyangwa guhumurirwa n'ikintu kimwibutsa akaga yanyuzemo;
- Kumva urusaku rusa n'urwo yumvise mu gihe cy'amakuba;
- Kurya cyangwa kunywa ikimwibutsa icyo yashyize mu kannwa mu gihe cy'icyago;
- Gukora ku kintu kimwibutsa icyo yakozeho mu gihe cy'akaga.

Mu yandi magambo, kubera ibintu bikibitswe nabi mu bwonko, ijisho rireba, izuru rihumurirwa, ururimi ruryohereye cyangwa rusharirirwa, ugutwi kumva ndetse n'intoki zikora ku kintu, bishobora kuba imbarutso y'ihahamuka ku muntu wahuye n'icyago cyamuhungabanyije mu buzima.

Umuntu ugize ihahamuka, asa n'usubiye muri cya gihe cy'amakuba, akitwara uko yitwaye icyo gihe kuko bisa n'aho amafoto yabyo agarutse mu mutwe we.

Icyo dukwiriye gusobanukirwa, ni uko ihahamuka ari umwifato usanzwe kubera ikintu kidasanzwe cyabaye ku muntu. Ntabwo ari indwara y'ibisazi kandi si imyuka mibi y'abadayimoni yateye umuntu, ahubwo ni ibyerekanaga igikomere kiri mu mutima.

Ugize ikibazo cy'ihahamuka agomba kugezwa ku bajyanama bakamwitaho kugira ngo afashwe gushyira ahagaragara ibyamubayeho. Iyo bigiye ahagaragara nibwo ubwonko bushobora gusobanukirwa n'ibyabaye maze bikabikwa neza, ntibyongere guhungabanya no guhahamurira umuntu.

Ikitonderwa: Hakwiriye gukorwa ibishoboka byose ngo ihahamuka rikumirwe mu bantu kuko rishobora kugira ingaruka mbi. Iyo umuntu akomeje kugira ibimuhahamurira, bishobora kumuviramo uburwayi.

1. Uruhare rw’Itorero mu gukumira ihahamuka

Abashumba cyangwa Abungeri mu itorero rya Kristo bafite inshingano ikomeye bagomba kuzuza yo kuragira neza intama bashinzwe, kuko Imana irababona ikabashima cyangwa bagawa ikabahana. Muri Ezekiyeli 34.15 handitse ngo: *“Jye ubwanjye, ni njye uziragirira intama zanjye, kandi nziruhure. Ni ko Uwiteka avuga”*.

Mu Itorero habamo abantu bafite amateka n’ibibazo bitandukanye bigira ingaruka ku buzima bwacu bwa gikristo . Nyamara akenshi usanga mu nsengeru abantu bivugira ibyiza ntihabeho no kwita ku bizazo by’ubuzima bwa buri muni abantu babayemo.

Iyo umuntu yahuye n’ibyamuhungabanyije ntabone uburyo bwo kubiganira, bishobora kumumerera nabi, bikamunga imibanire ye na we ubwe, n’abandi ndetse n’Imana. Kugira ngo abantu babone uko basohora ibibarimo byabababaje, ni ngombwa kwimakaza mw’Itorero umuco w’ubusabane buzira uburyarya. Ubwo busabane butuma abagize umubiri wa Kristo bagira umubano mwiza hagati yabo ndetse bakagira ubuhamya bwiza mu bandi bityo benshi bakazanwa kuri Kristo. Umupasitori n’abandi bayobozi mu itorero rya Kristo bafite uruhare runini muri ibyo.

Dore bimwe mu bikwiriye kwitabwaho ngo abantu bagire umubano mwiza hagati yabo

- Kubona ishusho y’Imana mu bandi bigatuma umuntu abubaha akubaha n’ubuzima;
- Kwemera ububasha abandi bafite umuntu akabushima kandi akabyerekana;
- Kugaragaza ibyiza abandi bafite, bakagira uburenganzira bwo gukoresha impano zabo;
- Kwamamaza ingeso nziza ubona mu bandi aho kubavuga ibibi;
- Kwereka abandi ko ubakeneye ubagisha inama ubigiraho ibyo bakurusha;

- Niba hari ufite intege nke ku kintu runaka, cyangwa yaguye mu cyaha, ababishinzwe bamuhugurire ahiherereye, nta kumukoza isoni ahubwo bamuha agaciro;
- N'ibindi.

Tuzirikane kandi ko Itorero ritandukanye n'indi miryango idaharanira inyungu abantu baturiramo. Itorero rifite umwihariko wo gushiman-gira ubumwe, amahoro n'urukundo mu barigize.

Nk'uko Ijambo ry'Imana ribivuga, bimwe biranga Itorero ni ibi bikurikira:

- Itorero ni umubiri umwe wa Kristo; (Abaroma 12:5)
- Itorero ni umukumbi umwe; (Yohana 21:16)
- Itorero rifite ubutumwa buzima butanga ibyiringiro by'ubugingo buhoraho; (Yohana 6.68)
- Itorero rifite ibikorwa by'urukundo, no kwitanga; (1 Yohana 3.16-18)
- Itorero ryerekana Kristo mu bantu; (Yohana 14.12)

Itorero rifite Ijambo ry'ubutware, ribatura, rikiza kandi rinesha, Zaburi 119.105; Abaheburayo 4.12.

Kuko umuntu wese ari urugingo rwa mugenzi we, ubabaye yagombye kubabarana n'itorero ryose. Iyo urugingo rubabaye izindi ntizibyumve, ni nkaho umuntu yaba arwaye ibibembe agahabwa akato cyangwa urwo rugingo rufuye. Itorero ritita ku bubabare bw'umuntu w'umunyetorero, riba ripfuye cyangwa rifite ibyaha. Ni inshingano rero y'itorero kwita ku bababaye no kubahumuriza. Uwo murimo mwiza wakorwa n'abo Imana yahaye impano y'ubujyanama babifashijwemo n'itorero.

2. Umurimo w’ubujyanama mw’Itorero

Umugambi w’Imana ku bantu bayo ni uko bagira ubugingo busesuye (Yohana 10.10b). Abantu bahawe impano zitandukanye kugirango uwo mugambi ugerweho. Mu Itorero habamo abantu b’inyangamugayo, bagirirwa icyizere, kuburyo babitswa amabanga yo mu buzima bwa benshi. Abo bantu bafatiye runini abo babana bose. Mu gihe cy’akaga, abantu bababaye, biyambaza abo bajyanama, bakabagezaho imibabaro yabo.

Cyakora uwo murimo w’ubujyanama ntukwiriye gukorwa mu buryo bwa kimeza gusa, ahubwo abawufitiye impano bagomba kuwuhugurwamo kugira ngo ugirire benshi akamaro. Twabonye kandi ko nabo ubwabo bakenera gufashwa.

Mu rwego rwo gukumira ihungabana, Itorero rikwiye guhugura abajyanama, bagatozwa gukora ubujyanama bushingiye kw’Ijambo ry’Imana. Ubwo bujyanama ni ubufasha umuntu guhangana n’ikibazo cye atakinyuze hejuru kugira ngo akibonere umwanzuro ujyanye n’ubushake bw’Imana. Imigani 15:22 handitse ngo: *“Aho inama itari, imigambi ipfa ubusa, ariko aho abajyanama benshi bari, irakomezwa,, (Imigani15.22).*

Ubuujyanama bushingiye kuri Bibliya bufite intego nyinshi harimo izikurikira:

- Gufasha ugirwa inama gushyira ahagaragara ibitekerezo bye;
- Kumufasha kwakira ibyabaye aho kubihakana, kubyirengagiza cyangwa kwivumbura;
- Kumufasha kuruhuka ubukana bw’amarangamutima bumubuza amahoro ;
- Kumufasha gusobanukirwa isano riri hagati y’umwifato we n’ibyamubayeho ;
- Kumugezaho ijambo ry’Imana ry’ibyiringiro kandi rihumuriza;
- Kumufasha guhinduka, ahari ukwiheba hakaba ibyiringiro;

- Kumufasha kwifatira imyanzuro iboneye no kuyishyira mu bikorwa;
- Kumufasha kwikingira ibyakomeza kumukomeretsa ; N’ibindi.

Abajyanama bakwiye guhugurwa mu buryo bwiza bwo gukoresha Ijambo ry’Imana, ndetse n’igihe rikwiriye gukoresherezwamo, kuko byagaragaye ko iyo Ijambo ry’Imana rikoreshejwe nabi, aho gufasha umuntu gukira, ashobora gukomereka birushijeho (Imigani 15:23, 25:11).

Abajyanama kandi bakwiye guhugurwa ku byerekeye gusenga mu buryo bigirira umumaro ubabaye. Hari abafata isengesho nko gukora ubumaji batotesha Imana amagambo menshi. Abandi usanga basenga mu uburyo bwo kubwiriramo usengerwa. Ibyo ntacyo bimara kuko bitari isengesho ry’ukuri. Isengesho rigira umumaro ni irikozwe mu rukundo kandi rivuye ku mutima wizeye, riganisha neza ku ntego isengerwa uwo mwanya (Yakobo 5.16; Matayo 6.7-8).

Umurimo w’ubujyanama uhawe agaciro kandi ugakorwa neza, abantu benshi bakira ibikomere byo ku mutima. Ibyo byatuma Ijambo ry’Imana ribwirizwa rigera mu mitima yiteguye kuryakira, rikamera, rigakura kandi rikera imbuto nyinshi (Luka 8.8,15). Abantu bagaharanira kubana mu mahoro, buri wese yubaha mugenzi we nk’uko Ijambo ry’Imana ribidutegeka. Imbuto z’urukundo zarushaho kwigaragaza mw’Itorerero, bityo ibihungabanya byose bigakumirwa, kandi abantu bakagera ku iterambere ry’ukuri, bagendera hamwe mu migambi imwe.

V. UMWANZURO

Ni iby’ukuri ko Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 hamwe n’ingaruka zayo byashegeshe umuryango nyarwanda. Abantu benshi bahungabanijwe n’ibyago banyuzemo kandi ntibashobora kugera ku

mahoro, ku bwiyunge no kw'iterambere rirambye hatabayeho gukira.

Itorero ry'Imana rifite uruhare rukomeye mu gufasha abantu gukira ibikomere, ngo bagere ku buzima busesuye. Ibi birasaba ko habaho gufata ingamba nshya kugira ngo Itorero rishobore gusohozza neza inshingano zaryo. Yakobo ati: ***“Idini ritunganye kandi ritanduye imbere y’Imana Data wa twese ni iri: ni ugusura impfubyi n’abapfakazi mu mibabaro yabo, no kwirinda kwanduzwa n’iby’isi.” Yakobo 1.27.***

Itorero rifite inshingano yo gufasha abantu gusobanukirwa ibikorwa bigamije guhangana no gukumira ihungabana. Abantu bakeneye kumenya uruhare rwabo mu muhango ngarukamwaka wo kwibuka ndetse no gusobanukirwa akamaro k’inzibutso mu rugendo rw’ubumwe n’ubwiyunge bw’abanyarwanda.

Umu Pasitori akaba n’umwanditsi w’ibitabo wo muri Nigeria, Dr Tokunboh Adeyemo mu bushakashatsi bwe, yavuze ku nshingano z’Itorero mu gihe cy’akaga agira ati:

« Aho abantu bafite imibyimba n’ibikomere, Itorero ribagezaho amavuta yomora;

Aho abantu barenganywa, Itorero ribazahura mu cyubahiro;

Aho abantu bavunikana intimba mu mitima, Itorero rizana ugukira, rivura imvune;

Aho abantu bateraganwa mu muraba w’akaga, Itorero rizana ituze;

Aho abantu baciwe mu bandi bahabwa akato, Itorero ribabonera aho baba hakababera iwabo imuhira ».

VI. IBIGANIRO BYO KWIBUKA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 MU RWANDA

Buri mwaka **insanganyamatsiko yo kwibuka jenoside yakorewe Abatutsi** igomba kwitabwaho mu biganiro byose bitangwa. Bimwe mu biganiro byatangwa mu gihe cy'icyunamo kugira ngo bifashe abantu kwibuka biyubaka bishobora kugira gahunda ikurikira:

1. Iriburiro
2. Ihohoterwa icyo ari cyo
3. Itandukaniro ry'amakimbirane n'ihohoterwa
4. Umuco w'ihohoterwa
5. Amoko y'ihohoterwa n'ihohoterwa
6. Ingaruka z'ihohoterwa
7. Jenoside n'ingaruka zayo
8. Impamvu zitera ihohoterwa na jenoside (inkomoko)
9. Gukemura amakimbirane
10. Gukumira no kurwanya ihohoterwa na jenoside
11. Ubwiyunge n'akamaro kabwo:
 - a) Ubwiyunge icyo aricyo;
 - b) Akaga ko kutiyunga;
 - c) Intambwe ziganisha ku bwiyunge;
 - d) Ibisabwa kugirango ubwiyunge bugerweho ;
 - e) Umumaro wo kwiyinga
12. Umusozo

1. Iriburiro

Buri mwaka insanganyamatsiko yo kwibuka jenoside yakorewe Abatutsi igomba kwitabwaho mu biganiro byose bitangwa.

Kugira ngo twibuke jenoside kandi duharanire kwigira tugomba gusobanukirwa neza jenoside icyo ari cyo, ingaruka zayo n'impamvu ziyiteza. Ibyo bizadufasha gufata ingamba zo kurandura imizi yayo no

gukemura ibibazo bishamikiye mu ngaruka zayo, tukiga n’uburyo dushobora kwiyubaka kandi tukigira.

Iyo dusesenguye jenoside dusanga ari imwe mu moko y’ihohoterwa. Niyo mpamvu tureba muri rusange ihohoterwa icyo ari cyo, amoko yaryo, inkomoko, ingaruka, n’uburyo bwo kurikumira no kurirwanya. Kubw’umwihariko tugashaka uburyo dukumira, tukarwanya jenoside, impamvu ziyitera n’ingaruka zayo. Ibi bikadufasha gufata ingamba zo kwigira no kwiyubaka twiteza imbere, kandi tubana mu mahoro nk’abanyarwanda.

2. Ihohoterwa/Ihohotera icyo aricyo

Ihohoterwa ni igikorwa cyo kugirirwa nabi n’uwo mufitanye amakimbirane cyangwa se mutanayafitanye ashaka kugera ku nyungu ze akoresheje imbaraga akagukomeretsa ku mubiri, ku mutima, mu bwonko, ndetse ashobora no kukwambura umutungo wawe, no kukwica. Nyamara, **ihohotera** ni igikorwa cyakoreshejwe ingufu ushaka kugera ku nyungu zawe cyangwa gukemura ibibazo byawe ukageza aho ukomeretsa uwo mubifitanye ku mubiri, ku mutima, mu bwenge, no kumwambura umutungo cyangwa se no kugeza ubwo umwica umurenagije.

Aya magambo abiri avuzwe haruguru ni mabi; akwiye gusobanuka no kwamaganwa ko atazongera ukundi. Asenya ubumuntu kandi akazana ingaruka mbi.

3. Itandukaniro ry’amakimbirane n’ihohoterwa

Amakimbirane aturuka mu kutumva cyangwa kutabona ibintu kimwe bigatuma abantu batabyumvikanaho. Ibi si bibi kuko umuntu agira umwihariko muri kamere ye. Gusa biba bibi iyo bigejeje abatwimvikaneye ku makimbirane mabi. Amakimbirane mabi kandi asenya ni igihe abantu batwimvikaneye umwe agatsimbarara ku bitekerezo bye bakagezaho bashobora guhangana no guhohoterana. Ubundi iyo abantu batwimvika ibintu kimwe, banzura batandukanyeye ariko ubuzima

bugakomeza. Iyo bitabaye ibyo, bishobora kugera ku rwego rubi rw'amakimbirane ageza abantu ku ishyari, inzangano, guhiga ubugabo, ubugome, n'ihohotera. Ihohotera rihora ari ribi kuko rikoresha ingufu kandi rigakomeretsa rigashobora no kwica. Umuntu ararikorerwa ariko ashobora kurikumira no kurirwanya, uretse ko rishobora no kumutungura rikamugirira nabi.

4. Umuco w'ihohotera

Umuco w'ihohotera ni umuco urangwa no kumenyera gukemura ibibazo ukoresheje imbaraga nyinshi zirimo kurwana, kwambura, kuriganya, amayeri, gukandamiza ndetse no kwica. Umuco w'ihohotera utuma habaho guceceka ku ruhande rw'abantu bahora bahohoterwa, kuko batinya kuvuga ngo badakoma rutenderi bakarushaho guhohoterwa. Naho ku ruhande rw'abantu bamenyereye guhohotera abandi bakanabonamo inyungu, barangwa n'umuco w'ikinyoma mu gihe basobanura amakosa yabo cyangwa ubugizi bwabo bwa nabi. Nyamara umutimanama wabo ukomeza kubashinja (culpabilite/guilt), keretse iyo habayeho igihe cyo kwihana burundu bivuye ku mutima uhindutse.

Umuco w'ihohotera urangwa n'ibikurikira:

- Abafite imbaraga izo arizo zose bakandamiza abanyantegenke n'abakene;
- Igitsina gifite imbaraga gikandamiza igifite imbaraga nke cyane nk'abagabo bamwe bahohotera abagore, cyangwa se abagore bagahohotera abagabo babo;
- Gushoza intambara, gukeka ko ufite abanzi buri igihe, kugira amabanga ugakeka ko ashobora kumenyekana bigatuma abandi bagutera ubwoba.
- Kwitwaza imbaraga n'ububasha mu kurenganya undi nta mpamvu
- Kwibwira ko nta ngaruka mbi zazagera k'uhohotera

5. Amoko y'ihohotera n'ihohoterwa

Amoko y'ihohotera ni aya akurikira:

- **Ihohotera rikomeretsa umubiri cyangwa se ryica** : gukubita/gukubitwa, gufunga, gufata/gufatwa ku ngufu, intambara, kwica umuntu azira ubusa.
- **Ihohotera rishingiye ku mutungo**: irisenya imitungo n'ibikorwa by'amajyambere, no kuvutsa umuntu umutungo we umurenzanyanya
- **Ihohotera rishingiye ku muco**: gukoresha umuco nabi ukaba wakandamiza cyangwa ukica umuntu.
- **Ihohotera rishingiye ku miterere y'ubuyobozi** : abayobozi basuzugura abo bayobora, abakire basuzugura abakene, amategeko akandamiza abantu bamwe.
- **Ihohotera ry'ibidukikije** : Gutwika amashyamba, kwanduza ikirere, gutema ibiti nta mpamvu, gukomya amazi kimeza, n'ibindi bisa bityo.
- **Ihohotera ryonona ubwenge bw'umuntu cyangwa se rihungabanya umuntu**: nko kubwirwa amagambo mabi ngo bakwerekeze aho udashaka. Urugero : gutukana, gusebya, gusuzuguzwa, gusebanywa, gukoba, guteshwa agaciro ku mugaragarwo nta mpamvu, kwamburwa uburenganzira bwawe.
- **Jenoside** ni ihohoterwa ry'indengakamere rikorerwa umuntu kubera uko ateye rimwambura ubumuntu rikamufata nk'ikintu kibi kigomba gukurwaho, kwicwa urubozo hagamijwe kumarahwaho ubwoko runaka.

6. Ingaruka z'ihohoterwa

Iyo ihohoterwa ridakumiwe haba ingaruka mbi nyinshi nko ku bikurikira:

- **Umutungo**: umutungo urasenywa, ugasesagurwa, ubukene bwinshi, amajyambere akadindira, imitekerereze myiza igahungabana..

- **Ibidukikije:** birasenyuka, bigatwikwa, ibikorwa by’iterambere bikangizwa.
- **Ubuyobozi:** haba ubuyobozi bubi bwicana, no guteza amacakubiri mu Abanyagihugu.
- **Imibanire y’abantu:** urukundo rurakonja, haza inzangano, ubwicanyi, kwihorera.
- **Umuco:** umuco mwiza urasenyuka ugasimburwa n’umubi, abantu bakinjira mu muco w’ihohotera. Umuco w’ihohotera ugizwe: **n’umuco wo kubeshya, umuco wo kutamagana ikibi.**
- **Umuco wo guceceka** urangwa n’uko umuntu agira ubwoba bwo kuvuga ibyo akeneye cyangwa gusaba uburenganzira bwe. Kutabivuga si uko aba abyemera, araceceka kugira ngo atikoraho. Ari uhohoterwa ari uhohotera bose baba abanyabinyoma muri uyu muco wo guceceka.
- **Mu bijyanye n’ubugingo n’umwuka:** icyaha cyo guhohotera gituma umuntu wahohoteye atandukana n’Imana na bagenzi be, kandi agatandukana nawe ku giti cye. No kubidukikije ibintu birahinduka,. Urugero rwa Kayini wishe Abeli imyitwarire ye ikamutandukanya n’Imana, n’abantu, n’ibidukikije bikanga kumuha umwero w’imyaka kandi n’umutimanama we ughora umushinja icyaha cye (Itang. 4.)

7. Jenoside n’ingaruka zayo

Ijambo jenoside ryahanzwe n’umucamanza w’umunyamerika ukomoka muri Pologne witwa Raphael LEMKIN ashingiye ku ijambo ry’ikigereki “**genos**” rivuga ubwoko cyangwa inkomoko hamwe n’iry’ikilatini “**caedere**” risobanura kwica. Raphael LIMKIN ashinga iri jambo yashakaga kwerekana itandukaniro riri hagati ya jenoside n’ibindi byaha bisanzwe ndetse n’ibindi byaha bikomeye by’inde ngakamere byibasira inyoko muntu. Urugero nka « crime contre l’humanité» cyangwa « crime against humanity ».

Icyaha cya jenocide rero gishingiye ku mugambi wo kurimbura burundu abantu bo mu bwoko bumwe, bo mu idini rimwe cyangwa bafite ibitekerezo bimwe, cyangwa se batuye ahantu hamwe runaka. Ntabwo abantu barimburwa kubera ko bari ku rugamba cyangwa ngo bahorwe ko bakoze ibyaha ahubwo barimburwa bazira icyo bari-cyo. Ni ukuvuga uko bameze, n’uko baremwe. Mu byukuri abakora jenocide nibo bashinga ibimenyetso biranga abo bashaka kurimbura cyangwa gutsemba. Umushakashatsi w’umunyamerika witwa Alison Des Forges yanditse igitabo cye acyita: « **Aucun témoin ne doit survivre/ Leave none to tell the story** ». Bisobanurwa ngo “**Nimubice ntihagire usigara wo kuzabara inkuru**”.

Jenocide yakorewe abatutsi mu Rwanda mu 1994 yaranzwe n’ubwicanyi bw’indengakamere ishingiyeye ku ngamba zakoreshejwe zo gukwira igihugu cyose hirya no hino. Abantu bishwe urubozo hakoreshejwe imihoro, amahiri ateyemo imisumari, amashoka, ibyuma, ibibando, grenade, imbunda, n’bindi. Mu gihe gito cy’amezi atatu gusa hafuye abantu benshi cyane.

Mu cyegeranyo cyatanzwe muri Nzeri 2007 no mu Ugushyirahamwe 2010 n’Urwego rw’Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca rwerekanye ko umubare w’abazize jenocide urenga Miliyoni imwe n’ibihumbi mirongo itanu (1 050 000). Naho umubare w’abagize uruhare mu bikorwa byo kwica, gusenya no gusahura urenga miliyoni n’ibihumbi magana abiri (1 200 000). Mu bibabaje ni uko abantu benshi bishwe urubozo kandi bicwa n’abantu baturanye basanzwe baziranye.

Jenocide nk’ihohoterwa yakorewe Abatutsi mu Rwanda ryagize ingaruka nyinshi ku bantu, ku mitungo, ku buyobozi, ku mibanire, ku muco no ku myizerere mu banyarwanda.

Ubuzima bwateshejwe agaciro ndetse abantu benshi barabwambuwe. Umuryango nyarwanda watakaje ubumuntu mu buryo bwinshi. Abicwaga bambuwe agaciro n’ubumuntu n’ababicaga

batabafitiye impuhwe. Abicanyi biyambuye imyitwarire iranga ubumuntu bambara iy'ubunyamaswa mu gihe bicaga urubozo abaturanyi babo babanye igihe kirekire, bari barashakanye kandi bari basangiye ubuzima ndetse n'imibereho.

Ingaruka z'ihohoterwa zigaragazwa n'ibimenyetso bikurikira:

- Kugira agahinda kenshi,
- Kugira ubwoba kenshi,
- Kuduza mu mvugo n'ibikorwa,
- Kugira inzosi mbi,
- Guhangayika cyane,
- Kugira amazinda,
- Kumeneka umutwe buri gihe,
- Guhamuka,
- Kwiyahura,
- Kubura ibitotsi,
- N'ibindi.

8. Inkomoko z'ihohoterwa na jenocide

- Ihohoterwa/ihohotera rishobora gukomoka kuri bintu bikurikira:
- Imiterere y'abantu itari imwe n'imyumvire inyuranye ishobora gutuma batumvikana iyo bataganiriye kubyo batabona kimwe ;
- Ubuyobozi bw'igitugu : Iyo umuntu ayobora abantu atabagisha inama, bashobora kutumvikana, kuko batavuze ibitekerezo byabo ;
- Ubuyobozi bujagajega (poor leadership) ;
- Kutiyumvamo icyizere, abantu bavuga ukagirango niwowe bavuze ;
- Imyitwarire itari myiza ku muyobozi ;
Ivugurira iryo ariryo ryose rishingiye ku madini, ibitsina, amoko, uturere n'ibindi ;
- Kutubaha amategeko n'amabwiriza ;

- Imyizerere itandukanye ;
- Iyo ibibazo bidakemuwe bigera ku ihohoterwa. Ntabwo igihe aricyo gikemura ibibazo niba abantu batabiganiriyeho ngo babikemure ;
- Iyo amakimbirane adakemuwe neza ariyongera akaba impamvu y'ihohoterwa;
- Kutaganira ku bibazo biriho ngo bikemurwe ku gihe (lack of dialogue) ;
- Kwigishwa inyigisho z'ubugome n'ubwicanyi.

9. Gukemura amakimbirane

Muri rusange, hari uburyo bune bukuru bwo gukemura amakimbirane, aribwo ubu bukurikira :

1. **Gukoresha ingufu:** Gukoresha imirwano kugira ngo ikibazo gikemuke. Ibyo bitanga 10% by'igisubizo, kuko ikibazo kigaruka kizanye ubukana, bisa no gutema amashami kuko utema abiri hakamera menshi.
2. **Gukoresha ubutabera:** Kenshi bavuga ko umwe yatsinze undi yatsinzwe. Ufite ukuri iyo adashobora kwisobanura neza ashobora gutsindwa, bityo agashaka izindi nzira zo gukemura amakimbirane. Ubwo buryo bukemura ibibazo kuri 40%.
3. **Ubuhuza:** Mu gihe abantu bafitanye ibibazo hakaza undi muntu ubahuza bakaganira. Ibi bitanga igisubizo kuri 80%.
4. **Ibiganiro:** Abafitanye ikibazo barashyikirana bagakemura ibibazo byabo. Ibi bikemura ibibazo 100%, bigatanga imbabazi, kumvikana n'amahoro arambye. Ubu buryo busaba ubwitange bw'impande zombe.

10. Gukumira no kurwanya ihohoterwa na jenocide

- Kwigisha umuco w’amahoro;
- Gukemura ibibazo udakoreshaje ingufu ahubwo ukoresheje imishyikirano, ibiganiro n’amagambo meza adasenya ahubwo yubaka kandi atanga ikizere;
- Kutemera ikibi, ukakirwanya, ukacyamagana, ukagaragaza inzira nziza zo gukemura ibibazo ;
- Kubahiriza amategeko n’amabwiriza ;
- Gushyigikira ubuyobozi bwiza bwubahiriza uburenganzira bwa buri wese n’ubworoherane ;
- Gusangira ubuyobozi ;
- Uburinganire n’ubwuzuzanye hagati y’abagabo n’abagore ;
- Guharanira iterambere rya bose kandi rirambye ;
- Gukorera mu mucyo.

11. Ubwiyunge n’akamaro kabwo

Ubwiyunge icyo aricyo

Iyo habayeho amakimbirane akabije n’ihohotera, umuntu atandukana na bagenzi be, agatandukana n’Imana n’ibidukikije; ndetse nawe arasenyuka imbere mu mutima agahora yicira urubanza, akitinya. Ubwiyunge rero ni ukubaka bundi bushya cyangwa se kuvugurura umubano wasenyutse hagati y’abagiranye amakimbirane akabije cyangwa ihohoterwa. Ubwo bwiyunge buba hagati yabagiranye ibibazo, hagati y’abantu n’Imana no hagati y’abantu n’ibidukikije.

Akaga ko kutiyunga

Iyo abantu bagumye mu makimbirane n’ihohotera by’igihe kirekire; (a) uwahohotewe n’uwahohoteye bakomeza gushengurwa mu mitima bakabura amahoro muri bo; (b) hashobora kubaho uruherekane rwo kwihorera (cycle de violence); (c) umwe akomeza kwikeka undi no guhungana.

Iyo bombi badakemuye amakimbirane, bakomeza gushenguka, bagakomeza kwicira urubanza kubyo bakoze, cyangwa bakorewe, buri wese agatinya mugenzi we, kandi buri wese agashaka inzira nziza cyangwa mbi zo kugira ngo yikure mu kibazo. Iyo habaye ihohotera, uwarenganye ntarenganurwe, hashobora kuba kwihorera, cyangwa guhera mu gahinda, umubabaro no guhamuka.

Ibintu bitera kwihorera:

1. Habaho ihohotera (aggression) umuntu yakomeretse cyangwa yapfuye, uwabikorewe ntabyemere, agakomeza kwibaza impamvu.
2. Kumenya ko umuntu yabuze ibye cyangwa abe ntihabe kwemera ibyabaye.
3. Kudashaka kwerekana ibyamubayeho kandi bimubabaje.
4. Uruvange rw'agahinda n'ubwoba n'isoni n'uburakari, umuntu yibaza impamvu ariwe wagiriwe atyo.
5. Gushaka ubutabera no kwihorera, no kwibaza ko Imana itabaho.
6. Kwegeranya amateka ye mabi, n'imibanire ye mibi n'abo mu muryango, uburakari bukaba bwinshi, agashaka uko azihorera.
7. Kwihorera avuga ko ari mu kuri, kugira ngo yikingire kandi yubahirize uburenganzira bwe, bityo uwahohotewe nawe agahohotera, bikabyara uruhererekane rwo guhohoterana (Cycle de violence).

Ibi bintu byose bivuzwe haruguru bigaragaza ko ari uruhererekane rw'ihohotera, iyo hatabayeho kwiyinga. Biterwa ahanini nuko buri wese ateye, haba mu marangamutima, aho ari n'ubunararibonye yanyuzemo mbere mu buzima bwe.

Intambwe zirindwi ziganisha ku bwiunge

1. Kubona umwegera no kwakira ibyamubayeho, abifashijwemo n'uwamwegereye.
2. Gusobanura ibyamubayeho n'agahinda byamuteye, ndetse akaba yarira. Ibyo bimeze nko komora ibikomere biri mu mutima.

3. Kwakira ibyamubayeho ntiyemere guheranwa n’isoni n’uburakari n’ubwoba. ibyo bituma yakwihanganira ibyo bimubabaza akaba yanakwemera kwiyunga n’uwabimukoreye.
4. Kwemera ko uwakoze icyaha cyangwa uwahohoteye ashobora guhinduka akihana akareka ibyaha bye. Gutandukanya icyaha n’umunyacyaha, umuhuza akamumara ubwoba kugira ngo azamuhuze n’uwamuhohoteye.
5. Guhuza uwahohotewe n’uwahohoteye, n’akamaro ko kubabarira. Umuhuza agerageza kubafasha akababwira abanje kuganira n’umwe ku giti cye. Amubwira akamaro ko kubabarira n’ako kwiyunga, bigatuma bwa bwoba bushira, nyuma akazabahuza bagasabana imbabazi.
6. Kwihana no gusaba imbabazi ku mugaragaro ni ingirakamaro kugira ngo bwa bwoba n’inzika bishire maze bakubaka ubucuti.
7. Kuvugurura amateka uganisha ku bwiyunge bisaba ibintu bibiri bikurikira:
 - a) Kuvugisha ukuri ku mateka, havugwa ibyiza byakozwe bigashyigikirwa; ibyabaye bibi bakabyirinda.
 - b) Gutegura kubana kivandimwe mu gihe barimo n’ikizaza. Izo ntambwe iyo zitewe neza ziganisha ku bwiyunge n’amahoro birambye.

Ibisabwa kugirango ubwiyunge bugerweho

1. Kuvugisha ukuri ku byabaye byose, ibibi n’ibyiza.

Mu Rwanda ku bijyanye na jenocide yakorewe Abatutsi, tugomba kugaraza ukuri ku bibi byabaye. Urugero, ubushakashatsi bumaze kugaragaza umubare w’abantu barenga miliyoni imwe n’ibihumbi mirongo itanu (1 050 000) bapfuye ; naho abagize uruhare mu bikorwa byo kwica, gusenya no gusahura urenga miliyoni imwe n’ibihumbi magana abiri (1 200 000). Mu bibabaje ni uko abantu benshi bishwe urubozo kandi bicwa n’abantu baturanye basanzwe baziranye. Ibintu byinshi byarangijwe n’amazu menshi arasenywa. Ubuzima bwose bw’igihugu burasenyuka.

Ibyiza byabaye dushobora kuvuga ni uko abantu bose bagombaga kwicwa batishwe bese hariho abarokotse, ntabapfira gushira. Abo barahari kandi bagomba kugira icyizere cyo kubaho no guharanira kwigira. Ikindi abantu bagize uruhare mu kurokora abahigwaga bakoze neza cyane ndetse hari abitanze bahara ubuzima bwabo. Byagaragaye ko abantu bese atari babi, ko hakiri abeza n'intwari mu banyarwanda twakubakiraho icyizere cy'uko ubwiyunge n'amahoro bishoboka. Abo nabo dushobora kuvuga ko barokotse ibyaha n'urupfu. Bagomba gushimirwa ku mugaragaro bagatanga n'ubuhamya.

Ubushakashatsi bwakozwe bumaze kugaragaza abantu bagera kuri 230 bitanze bagahara ubuzima bwabo ngo barokore abicwaga, kandi hashobora kuzagaragara n'abandi. Izo ntwari ziswe „*les justes*“ mu rurimi rw'igifaransa. Bisobanura ko ari ***abakiranutsi abanyakuri, n'indahemuka***. Abo bantu bese..... bacitse ku icumi rya jenocide ni indahemuka zitiyandaritse mu ubwicanyi bagaragaza imbaraga z'Imana muri bo. Ikindi ni uko Imana itatanze intsinzi ku bari bafite umugambi mubi wa jenocide. Bari bafite imbaraga nyinshi cyane zo kurimbura ariko ntabwo umugambi mubisha wo gutsemba bawugezeho kuri bese. Bityo rero abafite umugambi mwiza Imana ibafasha kuwugeraho.

2. Kwihana ibyaha byose byakozwe

Ni byiza ko abantu bamenya umumaro wo kwihana ibyaha byose byakozwe. Hari ubuhamya bw'abantu bihannye kandi byagize umumaro mu bwiyunge bwabo na bagenzi babo.

3. Kwishyura ibyangijwe byose bishoboka

Uretse umuntu utashobora kwishyurwa, ibintu byo bishobora kwishyurwa. Kandi na none iyo habayeho kuvugisha ukuri birashoboka kwiyunga no kubabarirana, bityo ibishoboka kwishyurwa akaba ari-byo byishyurwa gusa.

4. Kubabarirana

Ntabwo byikora ako kanya, ahubwo ni urugendo rusaba kuganirwaho no gutekerezwaho kubera ko bijyanye no gukira ibikomere byo mu mutima. Iyo biteguwe kandi bigakorwa neza bigeza abantu ku kwiyinga nyakuri.

Akamaro ko kwiyinga

1. Kumenya akaga k'ihohotera na jenocide kugira ngo tubyirinde.
2. Kurandura umuco w'ihohotera no kudahana.
3. Gufasha abantu kugirana icyizere hagati yabo no kubaka imibanire myiza irambye.
4. Kubaka umuco w'amahoro no kubana mu mahoro.
5. Kwiyubaka, kwigira no kwiteza imbere, umuntu afite icyizere cy'ubuzima bwiza.

12. Umusozo

Jenocide yakorewe abatutsi muwi 1994 yagize ingaruka nyinshi cyane ku muryango nyarwanda zirimo ko abantu benshi bagendana ibikomere byinshi byo mu mitima, abapfakazi benshi, impfubyi nyinshi, abantu basigaye iheruheru, imfungwa nyinshi, impunzi nyinshi no ku bukungu bw'igihugu ndetse n'ibidukikije. Izindi ngaruka zikomeye n'inzangano nyinshi, umuco w'amahoro warasenyutse. Ubwicanyi bwabaye indengakamere mu miryango myinshi, aho usanga abantu bari basangiye ubuzima muri rusange bicana. Ababyeyi basigaye bica abana, abana bakica ababyeyi, abagabo bakica abagore babo bibwira ngo bakemuye ibibazo burundu, nyamara bakicuza bageze muri gereza, cyangwa babuze umwanya ubakwiye mu muryango.

Niyo mpamvu rero tugomba gufata ingamba zikomeye zo kwimakaza umuco w'amahoro no gukemura ibibazo mu buryo bw'amahoro, mu bworoherane, tugarurira umuntu wese agaciro ka muntu, dufasha abahungabanye n'abafite ibikomere ku mutima kwiyo mora, kwivura

no kwiubaka. Abatishoboye n’abakene bazafashwa kwigobotora mu ngoyi z’ubukene n’ubutindi bashobore kwigira. Bityo, bizadufasha gukumira ihohoterwa n’ingaruka za jenocide, no kwiubanga n’Imana, n’abantu, n’ibidukikije, tukubaka umuco w’amahoro.

Ubwiubange no kwigira ntabwo byahita bibaho mu gihe gito. Ni urugendo rururure tugomba kwemera kugenda twese kugezaho tuzaba dushobora kubigeraho. icyizere dufite ni uko biri mu bushake no mu mugambi w’Imana yacu. Imana iduhe amahoro yayo natwe twiyemeze guharanira kwigira ndetse no kwiubaha. Imana idukunda kandi ikunda u Rwanda izabidushoboza. Paulo intumwa yabivuze neza ati: „Ibahamagara ni icyo kwizerwa no kubikora izabikora“; Abatesalonike 5:24.

Mu gihe cyose twibuka jenocide yakorewe abatutsi mu 1994, turushaho kugira umwete wo gufata mu mugongo abatewe agahinda n’umubabaro byo kubura ababo n’ibyabo muri jenocide. Habeho intambwe nshyashya y’ubwiubange, kwiubaka no kwigira twubakira hamwe igihugu kitarangwamo umwiriyane, ahubwo duharanira umurage mwiza mu bana b’Abanyarwanda.

VII. GAHUNDA YO KWIBUKA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 MU RWANDA

IRIBURIRO

Iyi gahunda igizwe n’ibice bitatu :

1. Gahunda y’icyumweru cy’icyunamo
2. Gahunda y’umunsi wo kurangiza icyunamo;
- 3 i. Gahunda y’ibiganiro..

1. GAHUNDA (LITURUJIYA) Y’ICYUMWERU CY’ICYUNAMO INYIGISHO

Mu cyumweru cy’icyunamo hagomba kuba inyigisho, amasengesho, n’ibikorwa bigaragaza impuhwe ku basizwe iheruheru na jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w’ 1994. Gahunda ikurikira ni nziza iyo ikoreshejwe neza. Gusa ishobora no guhinduka bitewe na gahunda rusange yateguriwe hamwe n’abandi bayobozi b’Amadini bafatanyije hamwe muri iki gikorwa ngaruka mwaka.

UMUNSI	INSANGANYAMATSIKO/IGIKORWA	ABAZABIKORA
Wa mbere	<ul style="list-style-type: none"> ❖ Kwibutsa insanganyamatsiko y’umwaka ❖ Ihohotera /Ihohoterwa : icyo ari cyo, amoko y’ihohotera, impamvu zitera ihohotera, ingaruka z’ihohotera <p>Jenoside ni iki ?</p>	<ul style="list-style-type: none"> ✓ Abahuguwe

Wa kabiri	<ul style="list-style-type: none"> ❖ Ibimenyesto biranga uwahohotewe; uburyo bwo gukumira no kurwanya ihohoterwa n'ihohotera. ❖ Gutanga ingero n'ubuhamya bw'abantu barwanyije ihohotera n'ihohoterwa 	<ul style="list-style-type: none"> ✓ Abahuguwe ✓ Abatangabuhamya
Wa gatatu	<ul style="list-style-type: none"> ❖ Ihungabana n'ihahamuka : icyo ari cyo, impamvu zitera ihungabana, ❖ Ibimenyetso biranga uwahungabanye ❖ Uburyo bwo gufasha gukira ihungabana n'ihahamuka. ❖ Kumva ubuhamya bw'abantu bakize ihungabana 	<ul style="list-style-type: none"> ✓ Abahuguwe ✓ Abatangabuhamya
Wa kane	<ul style="list-style-type: none"> ❖ Umumaro w' ubumwe n'ubwiyunge, ❖ Kwihana no kubabarira ; ❖ Akaga ko kutiyunga, kutihana no kutababarirana. 	<ul style="list-style-type: none"> ✓ Abahuguwe ✓ Abatangabuhamya
Wa gatanu	<ul style="list-style-type: none"> ❖ ukora ibikorwa by'impuhwe ❖ Gusura abasizwe iheruheru na jenocide : abapfakazi, impfubyi, incike n'abakene,... 	<ul style="list-style-type: none"> ✓ Abanyampuhwe n'imbabazi
Wa gatanu	<ul style="list-style-type: none"> ❖ Gutanga inyigisho muri gereza ku bijyanye n'ubwiyunge, kwihana no kubabarirana. ❖ Ubuhamya bw'abantu basabye imbabazi bakababarirwa n'abazitanze 	<ul style="list-style-type: none"> ✓ Abahuguwe ✓ Abatangabuhamya

Icyitonderwa : Ikiganiro cyose kizajya gisozwa n'amasengesho yo gusengera abari mu bibazo bitandukanye.

2. GAHUNDA Y'UMUNSI WO KURANGIZA ICYUNAMO

GAHUNDA Y'ITERANIRO RY'AMASENGESHO

1° INDIRIMBO YO GUTANGIRA: (*N°222 mu zo Gushimisha Imana*)

2° IJAMBO RY`IBANZE

Bakristo bavandimwe, nkuko mubizi uyu munsi twateranijwe n'igikorwa cyo kwibuka inzirakarengane zishwe zitazize ibyaha byazo ahubwo zazize Jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka w'1994. Duhagaze twese dufate umunota umwe wo kwibuka izo nzirakarengane zacu zazize Jenoside.

3° INDAMUTSO

Ubuntu n'amahoro bibe muri mwe biva ku Mana iriho, yahozeho, izahoraho, kandi ishobora byose. no kuri Yesu Kiristo umuhamya ukiranuka, impfura yo kuzuka, Umwami w'Abami b'isi yose ; kandi azazura abapfiriye muriwe bose babeho iteka mu mahoro ye. Amina.

4° GUSENGERA GAHUNDA

Nyagasani Mana Data wa twese uhoraho, tugushimiye kuba utwemereye guteranira hamwe dutya muri uyu mwanya. Dore tuje duturutse hirya no hino aho watwemereye kuba mu ngo no mu miryango itandukanye.

Duteranye dutya, turazirikana isezerano ryawe Nyagasani Mwami Imana, wavuze yuko aho babiri cyangwa batatu bateraniye hamwe mu izina ryawe, uba uri hagati yabo. Niyo mpamvu tugusabye ngo Umwuka wawe Wera abane na buri wese uri aha. Kandi Mana Yera, tuguhaye gahunda yose ngo iyoborwe nawe. Ntukundire irindi jwi ritari iryawe kuvugira hagati muri twe.

Mwami w'ibambe, dore twakuwemo abacu bazize jenoside yakorewe abatutsi, duhe ku kwizera no kwihangana, twe gucogozwa n'agahinda, ahubwo utwongerere imbaraga n'ibyiringiro byo kuzuka.

Uduhe kwizera rwose ko tuzongera kubonanira nabo mu ijuru ahatagerwa n’urupfu ariho abizera tuzabana iteka mu mahoro dushimira uwaducunguye.

Ni wowe ushobora kuduhumuriza by’ukuri, undi dushobora kuganyira ni nde ? Ni nde uhwanye nawe ? Niwowe wenyine musa ufite ubwiru bwo kubaho kwacu, twaba tukiri muri iyi si no mu gihe tuyivuyemo. Duhe kwemera tudashidikanya ko aba twibuka uyu munsu bari mu gituzacyawe. Tubisabye mu izina rya Yesu Kristo Umwami n’Umukiza wacu. Amina.

5° INDIRIMBO YA KORARI

6° KWICUZA IBYAHA no kuririmba indirimbo ya **83 mu gitabo cy’agakiza.**

Mwami Mana yacu, mu Izina rya Yesu Kristo umukiza wacu, nk’abanyarwanda wahaye igihugu cyiza, tuje imbere yawe tubabaye kuko ubumwe waturaze, igihe umwana wawe yitambiye abantu b’ibihe byose ho igitambo kidukiza tutabyubahirije kuko twiciyemo ibice aho guhuriza hamwe imbaraga zacu ngo iki gihugu tukigire cyiza.

Nyagasani Mana, ururimi rumwe waduhaye nk’ikimenyetso cy’ubumwe bw’Abanyarwanda rwagombaga kudufasha kuzamurana dufatanye mu biganza, tukavugana ibituremereye. Ntabwo ariko twabikoze Mana y’imbabazi. Ahubwo twarukoresheje tuvugana nabi, tuvumana, tuvangurana dukurikije ibindi bituranga ntitwaguhesha icyubahiro. Ikindi kibabaje, amaboko yacu ntiyashoboye gutabara abari mu kaga. Ntitwakoreshye neza ibyo waduhaye, ntitwabaye abahamya b’ukuri b’Ijambo ryawe, ntitwitondeye amatego wategetse. Duterwa isoni n’igihugu twazaraga abadukomokaho cyuzuye inzangano, inzika n’amacakubiri.

None Mana dufite agahinda k’ibyaha byacu, ntibyari bikwiriye ko tubumbura iminwa yacu imbere yawe, ariko kubw’amaraso ya Yesu yatwunze nawe, dutinyutse kuza imbere yawe tugusaba imbabazi

kandi tugusaba komora imitima yakomeretse, yuzuye imibabaro n’agahinda kugira ngo twongere twunge ubumwe, nk’uko wowe na Kristo Yesu mwunze ubumwe iteka ryose. Amina.

7° GUTANGA IBYIRINGIRO BYO KUZUKA

Umwami Yesu aravuga ati : « Ni njye kuzuka n’ubugingo unyizera naho yaba yarapfuye azabaho » (Yohana 11:25). Ubwo bimeze bityo, niba twiringira Kristo tukiri mu mubiri gusa, tukibagirwa ko Yesu yapfiriye ibyaha byacu akatuzukira, kwizera kwacu kuba gupfuye ubusa. Kwizera nyakuri kuduhera ibyiringiro byo kuzuka. Kristo yarazutse, niwe mfura yo kuzuka mu bapfuye bese. Nk’uko urupfu rwazanywe mu isi n’umuntu umwe ariwe Adamu, niko Yesu yazaniye abantu bese kuzuka. Uyu mubiri ubora numara kwambikwa kutabwara nibwo hazasohora rya jambo ngo : “urupfu rumizwe no kunesha”. Imana ishimwe cyane, iduha kunesha kubw’Umwami Yesu Kristo, kandi ibyo nibyo byiringiro byacu twese abizera Yesu Kristo.

8° INDIRIMBO (N° 211 mu zo Gushima Imana)

9° AMAGAMBO YO GUHUMURIZA

Nimwumve bene data uko umwami Yesu aduhumuriza hamwe: “Mwese abarushye n’abaremerewe nimunsange mbaruhure!.....” (Matayo 11:28-29).“ Kandi yongeraho ati: “Nahawe ubutware mu ijuru no mu isi “.

“Ntimuhagarike imitima yanyu, mwizere Imana nanjye munyizere Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi” (Yohana14:1-2).

Ibyanditswe Byera biduhamiriza ko abacu bapfuye bakirwa n’abo mu ijuru bababwira bati : « *Aba ni abavuye muri urya mubabaro mwinshi kandi bameshe ibishura byabo babyejeshya amaraso y’umwana w’Intama. Nicyo gituma baba imbere y’intebe y’Imana bakayikorera mu rusengeru rwayo ku manywa na n’ijoro, kandi iyicaye ku ntebe izababambaho ihema ryayo. Ntibazicwa n’inzara*

ukundi, kandi ntibazicwa n' inyota ukundi, kandi izuba ntirizabica cyangwa icyocyere cyose, kuko Umwana w'Intama uri hagati y'intebe y'ubwami azabaragira, akabuhira amasoko y'amazi y'ubugingo, kandi Imana izahanagura amarira yose ku maso yabo », Ibyahishuwe 7:14.

Turagushimiye Mwami Imana ushobora byose. Iriho kandi Izahoraho. Igihe cyo kugororera abera, n'abubaha izina ryawe, aboroheje n'abakomeye kirasohoye. “Mu isi muhorana imibabaro ariko nimuhumure nanesheje isi”, niko Yesu Kristo atubwira. Hahirwa abapfa bapfiriye mu Mwami Yesu. Amina.

10° Indirimbo ya Korari

11° Gusengera umwanya w'ubutumwa bwiza bwa Yesu

12° Gusoma Ibyanditswe Byera

13° Kubwiriza ubutumwa butanga ihumure n'icyizere cyo kubaho ku bantu bose (*Ni byiza ko buba bugufi kandi burasa ku ntego*)

14° Indirimbo (*N° 190 mu zo Gushima Imana*)

15° Amatangazo

16° Gusenga no kwisabira umugisha

3. GAHUNDA Y'IBIGANIRO

3.1. GAHUNDA YO MU RUSENGERO MU GUTANGIRA NO KURANGIZA ICYUNAMO

IGIHE	IGIKORWA	UZAGIKORA
10h-10h5	Guhimbaza Imana : indirimbo n°222 mu ndirimbo zo Gushimisha Imana	Abantu bose
10h5-10h10	Ijambo ry'ibanze + gufata umunota wo kwibuka	Umwe mu bashumba b'Itorero
10h10-10h15	Gusengera gahunda	Umwe mu bashumba b'Itorero
10h15-10h30	Indirimbo	Korari
10h30-10h50	Ubuhamya: Uwacitse ku icumu n'Uwafunguwe, Ufungiwe abe, Uwarokoye abandi muri Genocide	Abatanga buhamya
10h50-10h55	Gusoma ibyanditswe byera Isezerano Rikuru & Rishya	Umuntu 1
10h55-11h25	Kubwiriza	Uwateguwe
11h25-11h35	Gucana urumuri rw'Icyizere	Uwateguwe
11h35-11h45	Indirimbo /chorale	Abantu bose
11h45-11h50	Amatangazo	Uwateguwe
11h50-12h00	Gusengera ibyifuzo no kwisabira umugisha	Umushumba w'Itorero

3.2. HANZE Y'URUSENGERO

1. Indirimbo zihumuriza :

Chorale cg indirimbo rusange (NO 222, 20 mu gushimisha, chorus etc)

2. Ijambo ry'ibanze :

Gusobanura intego yuwo munsu ndetse n'insanganyamatsiko y'umwaka.

3. Gusenga : Gusengera gahunda

4. Indirimbo : Chorale cg indirimbo rusange

5. Gusoma ibice bikurikirwa n' ijambo ry'Imana

Urugero: Yohana 11:35 Yesu ahumuriza bashiki ba Lazaro

Abaroma 12:21, 15 kurirana n'abarira, kuneshesha ikibi icyiza

Yohana 20: 21 Yesu abasigira amahoro

6. Indirimbo rusange cyangwa chorale. Indirimbo itegura ikiganiro

7. Ikiganiro ku ntego y'umunsu

VIII. IBITABO BYIFASHISHIWE

- ✓ Bibiliya Yera
- ✓ *Counseling Survivors of Traumatic Events: A Handbook for Pastors and Other Helping Professionals*, Andrew J. Weaver, Laura T. Flannelly, John D. Preston. Nashville: Abingdon Press, 2003.
- ✓ *Grief Counseling & Grief Therapy: A Handbook for the Mental Health Practitioner*, J. William Worden, Ph.D. New York: Springer Publishing Company, 1991.
- ✓ *Gutabara Abantu Bari mu Kaga : Igitabo Gifasha Abagira Abandi Inama Mu Gihe cy'Akaga*, Gladys K. Mwiti, MA; Wendy Bovard, Ph.D., Nairobi, Kenya: Oasis Counseling Centre, 1994.
- ✓ *Healing the Children of War: A Handbook for Ministry to Children Who Have Suffered Deep Trauma*, Phyllis Kilbourn, editor. Monrovia, California: MARC Publications, 1995.
- ✓ *Healing the Wounds of Trauma: How the Church Can Help*, Margaret Hill, Harriet Hill, Richard Baggé, Pat Miersma. Nairobi, Kenya: Paulines Publications Africa, 2005.
- ✓ *Helping Children Cope with the Stresses of War*, Mona Macksound. New York: UNICEF Program Publication, 1993.
- ✓ *Lay Counseling: Equipping Christians for a Helping Ministry*, Siang-Yang Tan, Grand Rapids, Michigan: Zondervan Publishing House, 1991.

- ✓ *Overcoming Grief and Trauma, Strategic Pastoral Counseling Resources*, Mel Lawrenz and Daniel Green. Grand Rapids, Michigan: Baker Books, 1995.
- ✓ *Stress and Trauma Healing*: Karl and Evelyn Bartsch, Mennonite Central Committee, Durban, South Africa: Vuleka Trust, Botha's Hill South Africa, and Diakonia Council of Churches, 1996.
- ✓ *The Post Traumatic Stress Disorder: Source Book: A Guide to Healing, Recovery and Growth*, Glenn R. Schiraldi, Ph. D. Lincolnwood, Illinois: Lowell House, 2000.
- ✓ *Trauma and Recovery: The aftermath of violence – from domestic abuse to political terror*, Judith Lewis Herman, M.D. New York: BasicBooks, 1997.

Imprimerie PRINTWELL LTD
P.O. Box 1383
KIGALI - RWANDA

**Imfashanyigisho ku Bujyanama na
Liturujiya mu gihe cyo kwibuka Jenoside
yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda**